Nk'uko mpora mbabwira, aho ndi hose mbahorana ku mutima no mu masengesho, sinjya mbibagirwa mu ngorane twese dusangiye.

Mu mwaka ushize nabashinze ingingo eshatu:

1. Gushyira hamwe,
2. Kungurana ibitekerezo,
3. Kurwanya amacakubiri,

Izi ngingo nizo zizadushoboza ibikorwa byacu byose, tukazabona kugera ku ntego yacu: yo gutaha mu Rwnada kandi mu mahoro dukesha Imana.

Kugira ngo dushobore kugera ku ziriya ngingo uko ari eshatu tugomba ibi bikurikira:

1. *Umwete: Guhuguka tugakorana imbaraga.*
2. *Ubupfura: ni ugukena ntuhemuke, kandi wakira ntiwirate.*
3. *Kwiyubaha no kubahana: abato bakubaha abakuru, n'abakuru nabo bakubaha abato. Buri muntu akamenya ko akwiriye kubaha ibitekerezo bya mugenzi we, kuko uwibwira ko arusha abandi ubwenge uwo ni we utabugira.*
4. *Mu byo mwandika byose mugomba kwirinda ibitutsi, gutukana si umucyo wa kinyarwanda, kandi ibitutsi bitera icyangiro ibitekerezo ushaka kugeza ku bandi.*

Nimwiyegeranye aho muri hose, murusheho kumvikana no kubaha Leta z'ibihugu byabakiriye, mukurikize umuco karande w'ababyaye ni wo murage wa ba sokuru.

Umwami Kigeli V J.B. NDAHINDURWA.

(Sé)

(Reba ibikurikira ku rup. rwa 15)

KA02 1029

UWACUKUMBURA IBYA SEMUSAMBI YASANGA ARI ITIKU RIKAZE.

Muri iyi minsi, imwe mu nkuru zivugwa cyane mu gihugu ni iyerekeye «Urubanza rwa SEMUSAMBI Felisiyani na NDUWAYEZU Agusitini, Umunyamabanga Mukuru w'Ibiro Bishinzwe Iperereza». Abaturage amafaranga agiye kuzadushiramo kuko nta kinyamakuru cyigenga gisigaye gisohoka ubu urwo rubanza rutarimo. Ariko se koko, ubu tujye aho batubeshye twemere koko?

1. Ubu koko hari umunyarwanda uretse injiji, wakwemera ko Liyetona Coloneli RUTAYISIRE yakoze ankete aho kugira ngo ajyane raporo y'iyo ankete kubamutegeka, akayishyira SEMUSAMBI? Mubona koko ko SEMUSAMBI azi raporo y'iyo ankete? Se kuki atayanditse muri ka kanyamakuru yise UMURANGA niba ayifite koko?

2. Ubo koko, uretse amatiku, hari uwakwemeza ko NDUWAYEZU yabwiye Padiri SIBOMANA André ngo azamwica nka bene wabo? Ibyo bintu koko hari umuntu watinyuka kubibwira undi? Nko kubona hari uwakwemera ko uwo mupadiri aho kujya kwishingana kwa Musenyeri we yahisemo kujya kwa SEMUSAMBI?

3. Ubu se, atari amatiku, ninde uyobewe ko SINDAMBIWE Silvio yatewe amabyi na SAFARI. Ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kandi ko Silvio uwo yashimiye imikirize yarwo kuko ntaho yajuririye?

4. Agisida ziba muri uru Rwanda ni zingahe? Abasomali. Abaganda cyangwa Abanyakenya bibagirwa bagata umukono wabo bagateza za gisida ni bangahe? Umunyarwanda ugendera mu modokari wakwihandagaza akavuga ko atahura n'agisida nk'iyo ni nde? Kuba byarabaye kuri SINDAMBIWE Silvio harimo ikihe gitangaza? Harimo ubuhe bugambanyi niba tuzi abandi byabaycho; tukamenya natwe ko bishobora kutubaho igihe icyo aricyo cyose? Ari ikamyo iva aha ijya i Butare, ari ivatiri iva i Butare ijya i Kigali; ikihuta ni ikihe kugira ngo ubihurize muri Rwabuye?

5. Ngo NYIRAMUTARAMBIRWA na we yaragambaniwe! Ubwo koko niba atari amatiku, hari uyobewe agisida ziba muri Kigali? Kuki agisida yakwica kanaka wowe ukibwira ko itakugeraho ni iki? Kuki we se itari kumugeraho?

6. Se ubwo NDUWAYEZU niba badashaka koko kumukorera itiku rikaze, hari uwakwerekana icyo ahuriyeho n'abajede bashinzwe gukora ankete z'ibibereye mu mihanda yose y'Igihugu noneho ubwo buvandimwe bahuriyeho akaba ari bwo bwabuza abo bajede gushushanya (croquis) no kwandika ukuri?

7. Abajuji b'i Butare baciye urwo rubanza rwa Silvio SINDAMBIWE n'abamugonze se bo bapfana iki?

8. Harya koko ngo umuntu uyobora Ibiro by'Iperereza ntiyajya gukora ankete muri Gitarama? N'abatariwe ko barikorayo ra!!!

9. Se ko mubyo SEMUSAMBI yanditse ntaho tubona NDUWAYEZU asubiza, ubwo koko yaburanye na SEMUSAMBI ate?

Ibi ni bimwe mu bibazo nibajije maze gusoma ibyo Kinyamateka, Kanguka n'Umuranga byanditse ku rubanza rwa SEMUSAMBI na NDUWAYEZU.

Ariko se SEMUSAMBI uwo ni muntu ki?

Abantu benshi, nanjye ndimo, bibaza uwo muntu wiyemeje guhangana n'abategetsi uwo ari we, ku buryo byanteye amatsiko bituma nkurikirana ngo menye uwo ariwe.

Dore muri make abamuzi uko bamumbwiye:

SEMUSAMBI ngo ni mwene BUSHISHI na KABAYUNDO b'i Remera muri Komini Nyabikenke ho muri Gitarama, ubu akaba yituriye mu Gakinjiro ka Kigali.

KA02 1030

KA02 1030

Yavutse muri 1937 akaba yubatse afite n'abana icyenda. Nabajije amashuri yize nsanga adakanganye cyane, kuko atigeze arenga uwa gatanu w'amashuri abanza.

N'ubwo atari intiti cyane, SEMUSAMBI yashoboye kwiwanaho bihagije abifashijwemo n'abapadiri, abo umwarimu, akora no muri KINYAMATEKA. Yabaye n'umunyamakuru wa Ofisi y'Amatangazo ya Leta, ariko kubera uburwayi yahisemo gusezera ajya kwikorera ku giti cye.

Muri uwo murimo w'Itangazamakuru, yaba yararanzwe n'akarimi karekare yikoma cyane cyane abategetsi. Abakuru muri twe baba bibuka inyandiko iscbya ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere, aho yagonganishaga abategetsi mu nyandiko yise «UMUGANI W'UBUTEGETSI BW'INTARE N'INGWE». Ababikurikiraniye hafi bemeza ko yandika iyo nyandiko yari afite umugambi wo guhirika ubutegetsi bwariho icyo gihe ku buryo byamuviriyemo gufungwa muri 1968.

Ariko aka wa mugani ngo «Akabaye icwende ntikoga» ntibyateye kabiri, ka karimi kamuranze kuva kera katumye atangira kugenda asesereza inzego zimwe na zimwe z'ubutegetsi ari nabyo RUGERINYANGE Noheri yatubwiraga muri KANGUKA N° 38 «si ubwa mbere SEMUSAMBI YIJUNDIKA UBUTEGETSI N'ABATEGETSI».

Muribuka nk'aho yagiye asesereza abategetsi n'ubutegetsi muri twa dutabo twe twitwa «UBUCAMANZA N'AMARIRA YA RUBANDA», «UBWATO MU MUHENGERI», ukuntu yakururanye na Ofisi y'Amatangazo ya Leta biturutse ku mpanuka y'imodoka yagiriye mu Gatyata ngo bari bashatse kumwica ku bushake, naho yikomaga abayobozi ba Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye mu nyandiko ye yise ngo «NI TWE TWIBYARIRA IBIBAZO» yanditse muri KINYAMATEKA N° 1213 n'ibindi umuntu atakwirirwa arondora.

Abamuzi neza banatubwira ko yageze muri gereza agashaka kwiyahura. Aho afunguriwe yatorokeye i Bugande. Yagarutse ejobundi aho Repubulika ya Kabiri iziye, asaba akazi muri Ofisi y'Amatangazo ya Leta. Mu ntangiriro, ako kazi yagakoze neza ku buryo yanabishimiwe, ahabwa igihembo cyitiriwe MUNYANGAJU, ndetse n'Umukuru w'Igihugu aza kuzamuha umudari w'ishimwe witwa Chevalier de l'Ordre National des Grands Lacs, abisabwe na Musenyeri igihe KINYAMATEKA yizihizaga imyaka 50 imaze.

Nyamara SEMUSAMBI ntiyahugiye muri ibyo byo kwandika gusa, yagiye ashaka uburyo yabona urufaranga rwo kumubeshaho muri uyu mugi wa Kigali. Yashoboye kwiyubakira amazu icyenda amuzanira amafaranga, yigurira taxi, ndetse akaba afite n'icapiro mu Gakinjiro ryamufashije gukomeza imirimo ye y'ubwanditsi aho aviriye mu kazi ka Leta ku buryo yanashoboye kwishyiriraho akanyamakuru kamwamamaza yise «UMURANGA». Ako kazi k'ubwanditsi kandi yivugira ko agafatanyije no kugira abantu inama mu bibazo baterwa n'abandi nk'uko bigaragara ku cyapa kiri ku nzu y'icapiro rye. Nta washidikanya ko iryo capiro ryinjiza amafaranga atubutse kubera ko ridatinya no kwandika amatiku andi macapiro yanze, n'aho yaba abangamiye abandi n'umutekano rusange. Mbese ngo uwabuze aho yandikira amat ku, cyangwa se ushaka gusebya undi mu nyandiko, kwa SEMUSAMBI ntahejwe!

SEMUSAMBI aranze abaye umuhanga w'amatiku n'ubutiriganya.

SEMUSAMBI yandondogoje, atuma nibagirwa icyanzinduye! Abakunze gusoma KINYAMATEKA, KANGUKA, n'UMURANGA, mwabonye ko SEMUSAMBI yakurikiranywe n'ubucamanza kubera inyandiko z'ibinyoma yohereresje Perezida wa Repubulika. Muri izo nyandiko yaregaga NDUWAYEZU Umunyamabanga Mukuru w'Ibiro bishinzwe Iperereza ko yakwije impuha i Gitarama ngo abahutu bagiye kwica abatutsi, ko yateye amabyi Silvio SINDAMBIWE, ngo abonye atanyuzwe yiyemeza kuzamuhitana akoresheje impanuka y'imodoka kandi abigeraho. Yamuregaga kandi ko ashaka guteza imvururu mu gihugu zigamije guhirika ubutegetsi bwa Perezida HABYARIMANA. Njye nkurikije inyandiko zose nasomye muri ibyo binyamakuru, njye ndemeza ko SEMUSAMBI ntaho ahuriye nabyo, ahubwo ko ari igikoresho kuko uko ubona agenda yivuguruza, ahimba, abeshya usanga ari amatiku bamutekereye kugira ngo ayagereke kuri NDUWAYEZU.

Na we se, ngo umuntu yakwije ibihuha i Gitarama ngo kuko yagiyeyo gukora anketi atahurujwe na Perefe. Ubwo se koko ibiro bishinzwe iperereza byajya bitegereza gutumwaho kugira ngo bikore akazi bishinzwe? Aho none SEMUSAMBI Felisiyani ko tuzi ko yigeze gutura i Gihuma hafi y'i Kabgayi, ntiyaba ari we wateje izo mpuha, bigatuma atanguranwa ngo anketi itazamufata? Yasobanura ate ukuntu ibyo bihuha byasakaye i Kabgayi gusa ntihagire akandi gace ka Komini Nyamabuye cyangwa aka Perefegitura ya Gitarama bigeramo?

KA02 1031

Kugeza ubu ntawari wahakana cyangwa ngo yemeze ibibera i Kibeho. ariko tuzi neza ko hajyayo abantu benshi ku buryo ibihabera bitabura umugabo wabihamya. Ndetse hari n'abagiye bafata amajwi y'ababonekewe bose. Muri abo bose hari uwaba yarumvise izina rya NDUWAYEZU muri iryo bonekerwa ry'i Kibeho? SEMUSAMBI yaba ahera he ko muri abo bicanyi Bikira Mariya yaba yaravugiye i Kibeho harimo NDUWAYEZU?

Ntawe uyobewe ko Silvio SINDAMBIWE yazize agisida y'imodoka yabereye mu Rwabuye i Butare ku itariki ya 7 Ugushyingo 1989 mu gitondo ajya i Kigali. Umushoferi wamugonze witwa ABDI MUHAMUD GURED na boyi-shoferi we witwa MUHAMED MUHAMUD Hassan bahise bafatwa barafungwa, bashyikirizwa ubucamanza buhanisha uwo mushoferi igifungo cy'amezi atanu n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) nk'uko bigaragazwa n'urubanza R.P. 2286I/55 rwakijijwe n'urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Butare kuwa 25 Mata 1990. SEMUHANUKA, nako SEMUSAMBI, ati: «umushoferi yatorokeshejwe na ba maneko ba NDUWAYEZU bavuganiraga mu turadiyo». Ko nsanga iyi nkuru ayivuga nk'uwari uyihagazeho, nabura nibura undi muntu n'umwe waba yarabibonye ngo abe yaramutanzeho umugabo?

NDUWAYEZU yakabaye igihangange!! (umva ko ngo yaba yarananyuze mu ishuri ry'abicanyi mu Bugande) aba yarerekanye ubuhanga nka buriya CIA ikaba itaramwiba ngo ijye kumukoresha? Se iryo shuri riba ahagana he muri Uganda? Abaryigishamo se bo ni bande?
Nta bandi baba bararyizemo yaba azi?

SEMUSAMBI yemeza ko NDUWAYEZU afite undi mugambi wo kwica Padiri SIBOMANA ndetse ngo akaba yaranabimubwiye. Ko tuzi ko Padiri SIBOMANA ategeka ikiyamakuru cyigenga, ashobora kwandikamo icyo ashaka, kandi akaba ari umuntu ushobora kugera mu nzego zose z'ubutegetsi, kuki atishinganye akagomba gushinganwa na SEMUSAMBI?

Mu iburana rya SEMUSAMBI yavuze ko ngo uwitwa KAYINAMURA Beduwa ari we wumvise ba maneko bavugira kwa MUTWE ko Padiri SIBOMANA bazamugira nk'uko bagize SINDAMBIWE. Nyamara ababikurikiranira hafi bambwiye ko mu ibaruwa yandikiye Perezida wa Repubulika kuwa 24 Ugushyingo 1989, avuga ko ari we wabyiyumviye anyuze aho kwa MUTWE ari inyuma y'uruzitiro abo ba maneko bariho banywera imbere mu nzu. Ubwo se koko uretse kubeshya no gukora itiku, KAYINAMURA na SEMUSAMBI baba ari umuntu umwe?

Ikirego cya nyuma ari nacyo cy'injyanamuntu, ngo NDUWAYEZU ashaka guhirika ubutegetsi bwa Perezida HABYARIMANA usibye ko SEMUSAMBI we atari ko amwita. Ngo ni «KAYIBANDA w'ubu». Ko afite izina rye twese abanyarwanda tuzi, ajya kwitwa «KAYIBANDA w'ubu» kubera iki? Njye nkurikije iyo mvugo ya SEMUSAMBI, ndabona ko kugeza n'ubu bigaragaza ko atari yemera Umukuru w'Igihugu uriho. Kumushyigikira byo byaba biri kure n'uhwo abasenyeri bamubeshye akamuha umudari w'ishimwe.

Ati ikigaragaza yuko NDUWAYEZU ashaka guhirika ubutegetsi ni uko atakinekera Perezida HABYARIMANA, ubwo ngo akaba agomba kuba afite undi anckera, ngo ndetse Umukuru w'Igihugu yabyivugiye kuwa 16 Werurwe 1990 avuye gusura amakomini ya Maraba, Karama na Bwakira yazahajwe n'inzara.

Abumvise radiyo ku itariki ya 16 Werurwe y'uyu mwaka bumvise ko ibyo byavuzwe n'abanyamakuru. Nta munyarwanda n'umwe wumvise ijwi rya Perezida ryemeza ko NDUWAYEZU atamugezaho ibyo apererereza cyangwa se ngo abishyire abandi.

Dore uko abanyamakuru babitugejejeho:

Mu kinyarwanda, umunyamakuru SIBOMANA Aimable yatubwiye ko:

«Umukuru w'Igihugu cyacu yanagaragaje ko ababajwe no kubona inzego zibishinzwe zidahererekanya amakuru uko bikwiye».

Ese Umukuru w'Igihugu azajya agomba guhaguruka ubwe kugira ngo akunde amenye ko hari abicwa n'inzara cyangwa ko hari abasuhutse kandi aho bibera hari umukozi w'Ibiro by'Iperereza, hari uhagarariye Ofisi y'Amatangazo ya Leta, hari n'abandi bakozi bo mu nzego z'ubutegetsi n'iza politiki, ibyo rwose Perezida wa Repubulika yagaragaje ko bimutangaje...»

Mu gifaransa, umunyamakuru Jean François NSENGIYUMVA yabitugejejeho atya:

«...Le Chef de l'Etat a regretté que l'information ne circule pas suffisamment de la base au sommet. Faut-il que les responsables du pays doivent se déplacer pour savoir qu'il y a eu des victimes de la pénurie alimentaire et l'immigration de nombreuses familles alors qu'il y a sur place le Service Central de Renseignements, les correspondants de l'Office Rwandais d'Information, les cadres administratifs et politiques, s'est étonné le Président de la République».

Ari abumva ikinyarwanda ari n'abumva igifaransa, niba koko ibyo aribyo byavuzwe, nwese muriyumvira ko Perezida wa Repubulika yavuze umukozi w'i Gikongoro kandi twese tuzi ko NDUWAYEZU akorera i Kigali. Kugira ngo rero ibivugwa ku mukozi w'i Gikongoro ushake kubigira ingingo mu rubanza rureba umukozi w'i Kigali, birumvikana ko ari itiku rikaze.

Ikindi kandi, amabaruwa SEMUSAMBI yandikiye Perezida wa Repubulika yayanditse umwaka ushize wa 1989, ubushinja-cyaha butanga ikirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kuwa 26 Werurwe uyu mwaka, urubanza rusomwa kuwa 6 Mata 1990. Ibyo binyoma ko yari yarabyanditse mbere y'inama ya Leta atangaho umugabo yabaye kuwa 16 Werurwe 1990 yahereye he atanga inyandiko-mvugo y'iyo nama ho ikimenyetso?

Ikindi rero,

Nasesenguye inyandiko za SEMUSAMBI ahora atugezaho

KA02 1032

KA02 1032

ntangazwa n'ukuntu yagiye abogamira uruhande rumwe, akatubwira uko yireguye, nyamara ntatubwire uko NDUWAYEZU yireguye. Nyuma naje kumenya ko ngo NDUWAYEZU atigeze arega ko ahubwo SEMUSAMBI yaburanaga n'Ubushinja-cyaha bwari bwaramutahuyeho umugambi wo gukwiza amatiku n'icyuka kibi mu gihugu.

Yaba se yarabonye igihano gikwiye?

Ubushinja-cyaha bwashyikirije ikirego Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali, rusanga koko icyaha SEMUSAMBI aregwa cyo kubeshyera NDUWAYEZU kuri Perezida kimuhama, rumuhanisha igifungo cy'amezi atandatu, kigasubikwa mu gihe cy'umwaka umwe. Abamilita benshi twahise twibaza ukuntu uwo muntu wari ugamije gukwiza icyuka kibi mu baturage, yahanishwa igihano kiri hasi y'icy'uwibye igitoki kandi yishwe n'inzara. Abahanga mu by'amategeko bambwiye ko bene icyo cyaha gihanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugera ku myaka itatu n'ihazabu y'amafaranga kuva ku gihumbi kugera ku bihumbi makumyabiri cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Kuba abacamanza barakubise inkoni izamba bakamuha igihano gito ndetse na cyo kigasubikwa bitwaje ngo yakoreye Leta, nabyo ntabwo byumvikanye neza, kuko ahubwo SEMUSAMBI afite impamvu nkomeza-cyaha (circonstances aggravantes) zo kuba yarabaye umunyamakuru igihe kirekire uzi inshingano z'ibyo akora nkana akajya kwandika ibinyoma abyandikira inzego zikomeye.

Tuvuge se ko urukiko rwaba rwarayobejwe n'ubushinja-cyaha bwari bwamusabiye igihano gito bwitwaje ko yaba yarakoreye Leta neza? Nyamara kuko urukiko rwigenga mbona bitari ngombwa ko rugendera ku mvugo y'ubushinja-cyaha. Naje no kumenya ko Padiri SIBOMANA wo muri KINYAMATEKA n'uwitwa KAYINAMURA Beduwa SEMUSAMBI agerekaho imvugo zimwe na zimwe, ngo batigeze babazwa mu bushinja-cyaha. Byari kurushaho kuba byiza kuri twe abasomyi iyo tuza kumenya ukuri kw'abo bantu. Urukiko na rwo ntirwabidufashijemo kuko rutigeze ruhamagara abo bantu ngo rubumve. Ibyo bikaba byaratumye ibinyoma bya SEMUSAMBI bikomeza guhabwa intebe, ndetse na we ntiyatinye no kubicuruza akoresheje akanyamakuru ke kitwa «UMURANGA».

SEMUSAMBI aruhanya kwinshi.

SEMUSAMBI ntiyanyuzwe n'izo mbabazi, ahitamo kujurira mu rukiko rw'ubujurire rwa Kigali, asaba ko ngo rwavuga ko ari umwere. Nyamara njye ndabona ari amaco y'inda! Yarashakaga ngo ako kanyamakuru gakomeze kagurwe ndetse n'izo mpuha zirusheho gukwira kuko urukiko rw'ubujurire narwo rwemeje icyo cyaha cyo kubeshyera NDUWAYEZU. Ndetse n'ubushinja-cyaha ntibwanyuzwe n'ibihano urukiko rwari rwahaye SEMUSAMBI, nuko bwajuriye busaba ko insubika-gihano yavaho. Igitangaje ni uko bwajuriye buvuga ngo SEMUSAMBI yahawe insubika-gihano Urukiko rwitwaza ko yakoreye neza igihugu kandi mu kazi ke kose yararanzwe n'inyandiko zisebya ubutegetsi. Nyamara ngo bwagiye kuburana bubura ibimenyetso by'izo nyandiko zisebya ubutegetsi SEMUSAMBI yaba yaragiye yandika mu myaka yashize. Ni amayobera.

Aka ni akumiro! Ubwo se bwari bwajuririye iki niba bwari buzi ko nta bimenyetso bufite? Niba se ari igihe cyabubanye gito, ni iki cyatumye budasaba urukiko ngo rwigizeyo itariki y'urubanza ngo bubanze bubishake. Cyangwa se bwanze kwivuguruza mu mvugo yabwo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo aho bwasabaga urukiko kudahana SEMUSAMBI rwihanukiriye ngo kuko yakoreye neza Igihugu. Nyamara njye mbona Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze akazi karwo usibye ko kunoza SEMUSAMBI bitoroshye ngo azashirwa ageze mu Rusesa Imanza. Hari n'abavuga ko ndetse yari yaranditse asaba iseswa ry'urwo rubanza, nyuma akaza kwisubiraho. Ubwo ni uko yemeye ko ari umunyamatiku koko.

Mbere yo kurangiza inyandiko yanjye nagira SEMUSAMBI inama yo kuzasaba imbabazi bariya bantu bose yaharabitse mu nyandiko ze kuko nsanga bashobora kumurega na ya nsubika-gihano yaririragaho ikaba yavaho. Sinshidikanya ko urukiko rutazuyaza kumuhana rwihanukiriye uriya ZIGAMA avuga ko yamuteye mu bitaro kumwica atumwe na NSEKALIJE, cyangwa se uriya muforomokazi «AGATA» twese twemera ko abeshyera ngo yari agiye kumutera urw'ingusho. Iby'uriya MABURAKINDI na Léonidas avuga ko bashaka kwica BEDUWA nabyo byakwakirwa n'inkiko kandi zabimuhanira koko. Ibya Liyetona Koloneli RUTAYISIRE avuga ko yamuhaye raporo yakoresheje ruriya rubanza rw'amatiku nabyo byakwakirwa n'inkiko aramutse abimuregeye.

Ngibyo ibitekerezo nashakaga kugeza ku bandi basomyi.

MUGABO Edouard
Nyamirambo - Kigali

Nitwa Docteur. Navutse ku wa 10/04/1990. Uzamenya isaha navukiye, azahabwa ifatabuguzi rya KANGURA umwaka wose.

KA02 1033

KA02 1033

J.B. NDAHINDURWA
B.P. 31.608,
NAIROBI-KENYA.

Kuri Bwana Représentant wa Haut Commissariat des Nations Unies pour les Réfugiés.
B.P. 13.800
NAYIROBI KENYA.

Nyakubahwa

Tubohereereje indamutso zacu.

Dukurikije ibyo mwadusabye igihe duheruka kugirana imishyikirano twembi, biradushimishije kubohereereza ibyifuzo by'impunzi z'abanyarwanda bivanze n'ikizere cy'inkunga yanyu mwaduteza igomba kuzigeza ku buryo bwose nonaha mu mahoro mu gihugu cyacu cya ba sogokuruza.

I. ICYEMEZO CY'IMPUNZI Z'ABANYARWANDA

1. Tumaze kumenya akababaro gaturutse mu mpande zose z'ibihugu byatwakiriye : Kenya, Uganda Burundi, Tanzanie, Zaïre, n'ibindi ...

2. Tumaze gusuzuma mu buryo buhagije ibyanditswe mu binyama kuru byose : Impuruza, Inteko, Munyarwanda, Inkotanyi, n'ibindi byanditswe n'impunzi z'Abanyarwanda aho ziri hose;

3. Tumaze no gusoma amatangazo yandi aturutse mu mpande zose z'isi ;

4. Tumaze gusuzuma ibyavugiwe muri congrès yabereye i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, iyo congrès ikaba yarahuje abahagarariye impunzi z'abanyarwanda baturutse mu bihugu 14 byatwakiriye ;

TWESE ABANYARWANDA TURI MU BIHUGU TWATATANIYEMO TURABAGARAGARIZA ICYEMEZO CYACU TWESE HAMWE GIKURIKIRA.

Turashaka itaha rya vuba tugaruka mu gihugu cyacu cya ba sogokuruza bacu.
— *Turashaka gutaha mu bumwe n'amahoro.*
— *Turashaka kubaka igihugu cyacu twese dufatanye urunana.*

Ibyo ni ibitureba ndetse natwe ubwacu : tukiri mu bihugu byatwakiriye, namwe ari ikibazo kireba Abanyarwanda barutuyemo, turashaka y'uko ibyo byaba hatarimo ivangura ry'amoko, ry'akarere, ry'idini, cyangwa n'ikindi cyatera ivangura iryo ari ryo ryose.

II. IMPAVU Z'ITAHUKA RYACU MU GIHUGU CYACU :

1. Twahunze umukolonize washakaga kuturimburira twese ku isasu, iba ariyo mpamvu yatumye tuva mu gihugu cyacu, ducika isasu rye. Ibyo byatumye uwo mukolonize atwishyiza mu maboko kwa twasabye ubwigenge bw'u Rwanda. Mu magambo ahinnye, no kugira ngo tubagaragarize uko ibintu byari byifashe icyo gihe, birahagije kugira ngo uwo ari we wese yisomere ibi bitabo bikurikira : icya mbere cyanditswe na J. P. HARROY cyitwa « DE LA FEODALITE A LA DEMOCRATIE» ni ukuvuga ngo guhera ku ngoma ya gihake kugera muri Démocratie. Icya kabiri ni icya Bwana C. LOGIEST wari Resident Spécial w'u Rwanda icyo yitaba Kiliziwa : MISSION AU RWANDA, ni ukuvuga ngo : UBUTUMWA mu Rwanda. Ibyo bitabo byombi bitanga ubuhamya bw'ukuntu ababyiyandikiye bahereye ku ntangiriro y'intambara yabaye mu Rwanda kuva muri 1959, uti nayo yabaye impamvu yacu yo guhunga. Ubwabo ni bo batanga gihamya y'ibyabaye icyo gihe ntacyo bahishe.

2. Umukolonize twahunze tuva mu gihugu cyacu ntagihari. Ubwo rero yagiye ntiyubona icyatuma ngomba kuguma mu mahanga.

3. Ku mugabane wose w'Afurika nitwe mpunzi twenyine turushije izindi uko kabaharo k'ubuhunzi tumazemo imyaka 30, tukiri hanze v'igihugu cyacu. Izindi mpunzi cyane cyane iziri mu bihugu bihana imipaka n'u Rwanda nk'u Burundi Zaïre ndetse na Soudan n'ibindi, zasubiye mu buhugu bvabo kandi zarahunze nyuma yacu. Kuki rero Leta y'u Rwanda ikomeza guhata kudashaka kutwakira ? Kuki yanga itaha ryacu ku butaka bwa ba sogokuruza.

4. Abakomeza gushyigikira ko ngo u Rwanda ari ruto, ko nta myanya ihari ihagije yo kutwakira, bagomba kumenya ibi bikurikira :

a) U RWANDA NI URWA TWESE ABANYARWANDA. Kandi ntawe utazi koko uko rungana. Ariko buri munyarwanda wese wifuza kuruturamo nta n'umwe ufite uburenganzira bwo kubimubuza. Niba hari ukeka ko bidashoboka kubona umwanya mu Rwanda uwo nguwo ahubwo niwe ukwiriye kuruhisamo abandi akigira mu cyindi gihugu yihitiyemo ku giti cye. Uwonguwo ashobora kuba uri Umuhutu, Umututsi cyangwa se Umutwa. Ubwo rero sitngombwa ko agomba kuba umututsi gusa.

b) Mu bihugu byose by'isi, si u Rwanda rutoya rwonyine. Hari n'ibindi bitoya kuri rwo kandi bituje abaturage babo mu ituze bikaba bitanafite na ba kuvukire babo bahunze. Hari nzindi ntara zagize impunzi kandi zikazicyura ; nk'u Burundi mutavobewe na bwo ko uri buto. Ibindi bihugu bitoya nk'u Bubiligi, bafite abaturage bataruta ubwinshi Abanyarwanda bose bari mu Rwanda no mu mahanza. Ariko ntibubyinubira. Kuki rero uburyo Ababiligi bakoresheje kugira ngo baturane bose hamwe mu bwumvikane, twe Abanyarwanda impamvu ki tutakoresha natwe ubwo buryo

KA02 1034

kugira ngo duturane mu gihugu cyacu kandi ku buryo bukwiriye?

c) Impunzi z'Abanyarwanda ziri mu mahanga zirenze miriyoni enyiri ntahwo rero ari ko zose zizasubirira rimwe mu Rwanda:

- *Hari hamwe muri zo bakiri mu mashuri;*
- *Abandi bafite imirimo yo hejuru ituma batayivaho ngo basubire mu Rwanda;*
  Abandi nanone bafite imari nyinshi itabona imyanya mu Rwanda.

d) Mu mpunzi z'Abanyarwanda ziri mu mahanga, hari abadafite n'umuntu n'umwe wo mu muryango wabo, cyangwa se n'inshuri mu Rwanda. Uzutatana kwacu kwatewe n'umukolonize. Ariko we yasubiye iwabo. Birababaje rero kubona hashira imyaka 30 ikibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda kidakemurwa, biturutse ku gatsiko gatoya kabitewe n'indonko nyinshi kihariye, kukaba gashaka kwikubira konyine Igihugu cyacu twese, uko kingana uko ariko kose.

URWANDA NI URWACU TWESE.

e) Turashaka gusubira mu gihugu cyacu: Nta butaka tuburana bwo guhingamo. Hari ibindi byinshi twakora byateza amajyambere u Rwanda, kandi tubona ko bifite akamaro kurusha isuka.

III. IBYIFUZO BYACU BYO GUSUBIRA MU RWANDA:

1. Hagomba gushingwa TABLE RONDE ihuza abahagarariye impunzi ziri hose, hamwe n'abahagarariye Leta y'u Rwanda kugira ngo basuzumire hamwe ku buryo bw'intabera no gukemura ikibazo cy'impunzi.
2. Nk'uko ibyo byanditswe ku munsi w'impunzi zo muri Afurika, mu kinyamakuru cyitwa NATION cyo ku wa 20.06.1989 urupapuro rwa 6 kivuga kiti: «*KUGIRA NGO IMPUNZI ZISHOBORE GUSUBIRA MU BIHUGU BYABO KAVUKIRE, HAGOMBA IHINDURA RY'IBYEMEZO BYAFASHWE N'IBYO BIHUGU KUGIRA NGO IMPUNZI UBWAZO ZISHOBORE GUFATA ICYEMEZO CYO GUSUBIRA IWABO NTA NKOMYI*». *Muri iyo TABLE RONDE niho Leta y'u Rwanda hamwe n'abahagarariye impunzi bazashyiraho uburyo bukwiye kugira ngo impunzi zibe zarateguye gusubira mu Rwanda nta ngorane n'imwe.*

3. *Iyo table ronde igomba kuzaba ihagarariwe n'aba:*

   - *Intumwa za O.U.A.;*
   - *Intumwa za O.N.U.;*
   - *Abahagarariye impunzi i Genève: U.N.H.C.R. n'abahagarariye impunzi mu bihugu byatwakiriye;*
   - *Abahagarariye za Leta z'ibihugu byatwakiriye.*

IV. ICYITONDERWA:

Ikibazo cy'impunzi ntigishobora kubonerwa igisubizo n'igihugu kimwe gusa kubera impamvu zikurikira:

1. *Icyo kibazo ni ikibazo rusange cy'impunzi zose z'Abanyarwanda aho bari hose mu mahanga. Impamvu z'icyo kibazo ni zimwe kandi n'umuti wacyo ni umwe kuri bose. Kugira rero ngo icyo kibazo rusange gikemurwe, kandi n'igisubizo nacyo kigomba kubonerwa muri rusange.*

2. *Intumwa za Leta y'u Rwanda zigomba kuzira rimwe muri iyo Table Ronde. Kurobanurwa na Leta mu Rwanda hose. No mu gice cy'abahagarariye impunzi nabo nibamara kurobanurwa mu mpunzi aho ziri hose, bagomba nabo kuzira icyarimwe, kugira ngo nyuma y'aho dushyire muri rusange ibyifuzo byose bya buri ntara y'ubuhungiro, ibyo bikaba mbere y'uko duhurira muri iyo Table Ronde.*

3. *Impunzi nazo zigomba kwirinda gufata icyemezo icyo ari cyo cyose ku buryo bwihereyeye, n'iyo cyaba kinaturutse mu ntara, bitari uko icyo cyemezo giturutse muri congrès nkuru y'abahagarariye impunzi barobanuwe mu bihugu twahunguyemo. Bitabaye ibyo, byatuma hongera kuvuka amacakubiri asa n'ayabayeho mbere, akaba ari nayo yatumye tuba impunzi. Ntibikwiriye rero kugira ngo twongere twishyire muri uko kwibeshya.*

TURASABA RERO KO:

1. Ibihugu byose cyane cyane ibyatwakiriye hamwe n'ibindi by'inshuti;
2. Abakuru b'amadini anyuranye;
3. N'abandi bahagarariye imiryango ireba ibyerekeye ukwigenga kw'ikiremwamuntu ku isi yose kugira ngo:

   Badutere inkunga no kutubonera twe n'abavandimwe bacu bari mu Rwanda, uburyo bwo gukemura icyo kibazo cy'impunzi z'Abanyarwa kimaze imyaka 30, hanyuma tubone gusubira mu Rwanda n'ubumwe no mu mahoro. Twubahiriza Démocratie nyakuri, hatarimo ivangura ry'amoko cyangwa ry'amadini no kubahiriza nyabyo uregeko rigenga IKIREMWAMUNTU.

Mu magambo make, twongeye kohereza indamutso yacu ku bahagarariye intumwa nkuru ya O.N.U. bashinzwe iby'impunzi i Nairobi, tunabagaragariza ibyishimo byacu byuje umutima no kubashimira kubera igitekerezo cyiza bagize badusaba ngo tubahe icyifuzo cyacu kerekeye ukubaho kw'impunzi.

KIGELI V. I.K. NDAHINDURWA,

Se

Co:

- Ambassades hamwe n'amashami ahagarariye ibihugu byabo muri Kenya, Iubasaba ngo bazabimenyeshe ibihugu byabo bahagarariye,
- Intumwa Nkuru ya O.N.U. ireba iby'impunzi i Genève,
- Abahagarariye intumwa nkuru ya O.N.U. barebe iby'impunzi i Burundi, Zaïre, Uganda na Tanzanie,
- Umunyamabanga Mukuru wa O.N.U. i New-York,
- Umunyamabanga Mukuru wa O.U.A. Addis-Abéba muri Ethiopie,
- Abakuru b'Amadini anyuranye.

KA02 1035

KA021035

IBYITWA «SONDAGE» NI UKUVUGA IKIKURI KU MUTIMA.

Muzi ko Perezida wa Repubulika ari we ushyiraho Perefe, bakamuha ba sous-préfets bagomba kumufasha. Mbese muri Perefegitura habonekamo inzego nyinshi zikorera abaturage. Kuri buri mutegetsi turajya tukubaza uko umubona n'icyo umutekerezaho. Uwo wifuza ko yakomeza gutegeka, uzakoresha ikimenyetso **Yego**. Uwo udashaka ukoreshe **Oya**.

Uwo ureba ko agomba kwisubiraho mu mikorere ye ukoreshe **X**, ukwiriye guhabwa mutation, ni ukuvuga guhindurwa, ukoreshe **V**. Abo rero ni abafasha ba Perefe, muri Perefegitura.

Naho ku ntumwa za rubanda, kuri buri foto turajya tukubaza niba kuva yatorwa warongeye kumuca iryera, mbese ko umubona iwanyu. Urasobanura niba iyo aje muri Komini aba aje mu bibazo bye cyangwa se mu by'abaturage. Niba mubonanira mu manama ya Komini cyangwa se mu kabare. Muri demokarasi, abaturage bagomba gutegekwa n'abo bifuza. Iyo yitwa rero «Sondage d'Opinion» KANGURA n° 2.

Kubera ko KANGURA yavukiye ku Gisenyi, birumvikana ko ngo ijya kurisha ihera ku rugo. Twifuje kumenya niba abatuye ku Gisenyi bishimira abategetsi babayobora. Burya hari ubwo ushobora gutora umutegetsi uzi ko azakubera ingirakamaro, yamara kwibonera aye «makashi», ubwo akibera ikigwari. Ibi mbivugiye kubera ko mu Rwanda iyo ujya gutora abadepite, babanza kutwizeza twe abaturage ko batazadutererana ko bazajya baza mu manama ya segiteri kumva ibibazo. Nyamara se usibye Kongere ya Perefegitura, ni gihe ki mwongeye kubabona?

Turebe no mu zindi nzego, kubera ko ubutegetsi ari ubw'abaturage, bukorera abaturage, dusanze tugomba gukoresha ipererezа muri Perefegitura ngo tumenye umutegetsi abaturage bishimiye n'uwo batishimiye, n'utahagera na rimwe na we ubitubwire. N'uwo wifuza kuzatora ubutaha, n'uwo utifuza kuzatora na we ubitubwire. Nitumara guhuriza hamwe ibitekerezo mwatanze, tuzatangaza uko abaturage babona abayobozi babo. Bigenze neza bityo, twese twategekwa muri demokarasi nyayo.

Spécial Sondage d'Opinion

I. PREFET:

NSHUNGUYINKA François,
Kuva 1976 kugeza ubu:

YEGO	OYA	X	V

II. SOUS-PREFETS:

1. BIKUMBI Raphaël,
Kuva ku wa 28.07.1988;

YEGO	OYA	X	V

2. RUSATSI, Jean Baptiste,
Kuva ku wa 08.07.1986:

YEGO	OYA	X	V

3. SINARUHAMAGAYE Jean Bosco,
Kuva ku wa 10.01.1983:

YEGO	OYA	X	V

4. MINANI Faustin,
Kuva ku wa 02.11.1984:

YEGO	OYA	X	V

Abo bose ni abafasha ba Perefe. Uwo mubona adakorana umurava, muzamusobanura mukoreshejc ibyo bimenyetso.

Ese bite n'ubutegetsi bundi na bwo:

Imitegekere y'Urukiko muri iki gihe:

— Umutegeka ni Militant NGARAMBE:

YEGO	OYA	X	V

— **Abayobozi b'Ibitaro byo ku Gisenyi:**

YEGO	OYA	X	V

— **Inzego za Parquet zo nta Procureur zirabona kuko uwariho yahawe mutation (yarahinduwe).**

Ni nde mutifuza mubahakora?:

— Izina rye: .....

— Impavu: .....

— Yirukanwe cyangwa?: .....

— Ahindurwe se?: .....

— **Ubuyobozi bw'Ibitaro byo ku Gisenyi:**

— Izina rye: .....

— Yirukanwe?: .....
— Ahindurwe?: .....
— Yikosore?: .....
Akomeze?: .....

— **Abakozi ba Electogaz bo ni bashya, ntacyo nabavugaho. Ndetse na Burugumesitiri wa Komini Rubavu aje vuba aha ntacyo twari twamuvugaho ubu.**

— **Abayobozi ba Gasutamo nabo bagezweho:**

— Amazina: .....

— Birukanwe?: .....
— Bahindurwe?: .....
— Bagumeho?: .....

— **Inspecteur w'Ubucuruzi:**

— Izina rye: .....

— Yirukanwe?: .....
— Ahindurwe?: .....
— Agumeho?:

— **Intumwa za Rubanda:**

NSEKALIJE Aloys:

— Yaje muri Komini?:
— Yaje mu nama?:
— Yaje mu kabari?:
— Yaje: a) mu bibazo bye?
— Yaje: b) mu by'abaturage?:
— Muzamutora?:
— Muzamusezerera?:

KA02 1036

UWILINGIYIMANA Juvénal:

Yaje muri Komini?:
Yaje mu Nama?:
Yaje mu Kabari?:
Yaje: a) mu bibazo bye?:
Yaje: b) mu by'abaturage?:
Muzamutora?.
Muzamusezerera?:

MBONABARYI Noël;

Yaje muri Komini?:
— Yaje mu Nama?:
Yaje mu Kabari?:
— Yaje: a) mu bibazo bye?:
— Yaje: b) mu by'abaturage?:
— Muzamutora?:
— Muzamusezerera?:

GAHIMANO Fabien;

— Yaje muri Komini?:
— Yaje mu Nama?:
Yaje mu Kabari?:
Yaje: a) mu bibazo bye?:
— Yaje: b) mu by'abaturage?:
— Muzamutora?.
— Muzamusezerera?.

NYIRABAHUFITE Cathérine;

Yaje muri Komini?:
— Yaje mu Nama?:
— Yaje mu Kabari?:
— Yaje. a) mu bibazo bye?:
— Yaje: b) mu by'abaturage?:
Muzamutora?:
— Muzamusezerera?:

SEYOBOKA Damien;

— Yaje muri Komini?:
— Yaje mu Nama?:
— Yaje mu Kabari?:
Yaje: a) mu bibazo bye?:
— Yaje: b) mu by'abaturage?:
— Muzamutora?:
— Muzamusezerera?:

MPORANYI Joséph.

— Yaje muri Komini?:
Yaje mu Nama?:
— Yaje mu Kabari?:
— Yaje: a) mu bibazo bye?:
— Yaje: b) mu by'abaturage?:
Muzamutora?:
— Muzamusezerera?:

* *Ku mazina y'Abadepite, ku byo mwemeye mushobora gukoresha akamenyetso kitwa «* **Ok** *» ni ukuvuga ngo turemeye nta shiti.*

Icyitonderwa :

Ntihazagire utwumva nabi. Icyo dushaka gusa ni ukumenya ko abaturage batekereza ku butegetsi n'abategetsi babari iruhande, ari abahawe n'amategeko cyangwa se abatowe n'imbaga nyamwinshi.

Yego nanone hari bamwe mu badepite bafite imirimo myinshi ituma ndetse batabona akanya ko gusura imiryango yabo. **Urugero :** *nka Minisitiri, akaba ari muri Komite Nyobozi, ari na Depite kandi anategerejwe mu nama mpuzamahanga. Ubwo ibyo biratosheje, si ngombwa ko ahora muri Komini, usibye ko na we atabyitwaza ngo tujye tumubona mu gihe cy'iyamamaza gusa.*

Abazakora sondage

— Izina rye: .....
— Impamvu: .....
— Icyo akora: .....
— Imyaka ye: .....
— Aho abarizwa (adresse): .

Ohereza vuba iyo sondaje kuri GISENYI — INFORMATION, wandike inyuma ko ari Sondaje.

Icyitoderwa :

Ushobora kudashyiraho izina, ukandika gusa «umusomyi».

Bazize ko Ubutegetsi butasobanuye neza «Transparence»

Abaturage batuye ku Gisenyi, cyane cyane ba kavukire, bamaranye intimba n'agahinda imyaka hafi itatu yose.

Muti ese byatewe n'iki?

Leta ikugiriye itya ituma ku baturage ngo abafite amasambu n'amashyamba ku musozi wa RUBAVU mwese ngo bibaye ibya Leta. IMPAMVU? ....

Ubwo abaturage banasabye ko barihwa ibyari biteye muri ayo masambu yabo. Ubutegetsi bwa Perefegitura bubamenyesha ko nyuma y'ibarura ariho bazatunganya icyo kibazo. Nyamara se hari uwarishywe nk'uko babibasezeranije! Hashize imyaka igeze kuri itatu. Uwajyaga kubaza aho bigeze ngo jya kwa Agronome ni we urebana n'amashyamba. Wagera imbere ye ngo jya kwa Sous-Préfet ushinzwe ibya technique n'ubukungu ngo ni we uyobora Komisiyo. Wamuhinguka imbere ngo iriya mirima yose yo kuri RUBAVU yabaye iya Leta mbere ya 1960. Akibagirwa ko ubutaka bwose ari ubwa Leta, ibiburiho bikaba iby'abaturage, ngo tegereza amafaranga izakwishyura! Ese ko tuzi ibibazo by'ubukungu igihugu cyacu gifite, ubwo abo bafashe amasambu y'abaturage babwiye abaturage ko niba nta mafaranga yo kuriha bafite, bazasubiza abaturage amasambu yabo, kuko usibye kuhareberera gusa nta gikorwa cyihutirwa cyahakozwe!

Abaturage bamaze kumirwa, hari abandikiye Perezida wa Repubulika bamugezaho akababaro kabo batewe na Perefegitura. Na we yaje kubasubiza mu ibaruwa yasinywe na HABYARIMANA Juvénal ko ibyo bibazo bigomba kwigwa bikabonerwa umuti kandi ba nyirabyo bakamenyeshwa vuba uko byakemuwe. Niba Perefegitura yarabonye urwo rwandiko sinamenya...

Nigeze kujya kubonana na Sous-Préfet ushinzwe ibyo bibazo, na we nsanga atazi neza aho icyo kibazo gihereye. Gusa ubwo Leta itarabona amafaranga yo kubishyura, yagombye kubareka bagasarura ibyo bahinzemo. Aha ndavuga nko guca ibiti muri ayo mashyamba yabo yafashwe, kuko ngo babwiwe ko ngo uzakozamo akarenge azahanwa bikomeye. Nabajije impamvu yateye ubutegetsi bwa Perefegitura kwambura abaturage ibyabo, ngo nuko aho ayo mashyamba ateye hari n'andi ya Leta, ngo cyera rero byazatera ingorane mu kumenya aya Leta n'ay'abaturage. Icyo gisubizo njyewe ntabwo cyanyuze

Tubyibazeho rero!

Uko imigi igenda ikura, niko bakavukire bagenda bahura n'ibibazo byo kubona aho batura kuko akenshi nta mafaranga bagira yo kubaka za kadasitere ziba zishakwa na Leta. Usanga abavantara ari bo bafite «ar era» buhoro buhoro bakagenda bim a ba kavukire. Muzahere i Nyamirambo, mwitegereze za Gisenyi. Sinakubwira! Abitwa abarenge bo mu Bugoyi, nyuma y'imyaka itanu (5), sinzi ko bazaba bakibona aho gutura. Nyamara se iyo mirima bambuwe bayita iya Leta ntiyagiye ihabwa abavantara?

KA02 1037

KA021037

Muranyumve neza sinshaka gusebanya ! Muzanyereke ba kavukire bahawe amapariseri yiswe ko ari ay'abakene ! Mwabona he umukene wakubaka inzu ya 300.000 Frw ?

Iki kibazo mbasezeranije ko nzakigarukaho ku buryo burambuye ubutaha. Nzababwira n'ahari amayobera muri ibyo bibazo. Ngo agatinze kazaza ni urupfu. Leta nice inkoni izamba, ireke bene amashyamba bace ibiti byabo cyangwa se bihingiremo ibijumba kugeza ubwo icyo kibazo kizabonera urwego nyarwo rugishinzwe kuko bikiri mu mwijima.

Nizeye ko amatwi y'ababyeyi azumva neza ikibabaje abana, gahunda yo guhoza ayo marira y'abaturage ikaza mu gihe kitarambanije.

NGEZE Hassan,
Umuyobozi wa KANGURA.

AHO BUKERA KANGUKA IRABA SINZIRA !

Muri numero 40 ya KANGUKA, RAVI yahakanye atsemba ko MAJYAMBERE Silas, RWIGARA Assinapol, na KAJEGUHAKWA Valens ntaho bahuriye na KANGUKA. Nyamara nk'uko bigaragazwa n'iyi contrat mu ngingo yayo ya 3, Assinapol afasha KANGUKA. Iyo ngingo ivuga ko mu gihe KANGUKA izaba yagize ikibazo cy'amafaranga yo gucapisha, RWIGARA Assinapol uzwi ku izina rya « RWIGASS CIGARETTES COMPANY » yemeye kuzayishingira.

Ese wahakana ute ko KAJEGUHAKWA adafasha KANGUKA kandi abana be Serge na Christian bafitemo imari. Abo bana se ko ari abanyeshuri amafaranga yo gushora muri KANGUKA bayakurahe handi batayahawe na se KAJEGUHAKWA?

Ngo Majyambere ntafasha KANGUKA. Uzabeshye abahindi ! Ninde se uyobewe ko inzu KANGUKA ikoreramo ari iye kandi ku buntu. Gusa Majyambere yigeze kumva abantu bakomeje kumushyira mu majwi yandikira RAVI by'urwiyerurutso ngo amuvire mu nzu ngo kandi ahite atangaza muri KANGUKA ko ntaho ahuriye n'icyo kinyamakuru cyabo. Nyuma y'ibyo se byagenze bite ?

Ndindiliyimana we nibwo bwa mbere mwumvise mu bafasha KANGUKA. RAVI yamuhisemo kugira ngo ayobye uburari. Siniyumvisha n'impamvu RAVI yatekereje kwihakana abafasha KANGUKA nk'aho hari ibyago barimo. Ese ubundi gufasha KANGUKA hari icyaha kirimo ?

Mwitonde kuko muri KANGURA N° 3 Tuzabagezaho imigambi y'imfabusa Impunzi zo hanze zifite ;

Tuzabagezaho n'abakorana nazo bo mu Rwanda n'inkunga zibona aho zituruka.

Muzamenya ku buryo burambuye uko Kigeli V amerewe ndetse muzabona n'amafoto ye, tutibagiwe kubagezaho urugendo rwa RAVI muri AMERIKA.

ZIGAMA 50 — ZIGAMA 50

UMUGENZACYAHA ASHINJA KAJEGUHAKWA V.

Umugenzacyaha asabira Kajeguhakwa Valens ibihano

INYANDIKO ISOZA IPEREREZA.

/ N.A / H.F.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PARIKI YA REPUBULIKA GISENYI.

1. RMP N° X61.161/S4/H.F.

2. UMWIRONDORO WA KAJEGUHAKWA :

KAJEGUHAKWA Valens :
fils de Ruhunyuzi et de Kambugu, né en 1942 à Rukoko, Commune Rubavu-Gisenyi, résidant à Gisenyi-Rubavu-Gisenyi, marié à KAMARABA, père de 6 enfants, homme d'affaire, prévenu libre.

KAJEGUHAKWA Christian :
fils de Kajeguhakwa Valens (ev) et de Kamaraba (ev) originaire de Kibali, Commune Kibali-Byumba, né en 1967, étudiant, prévenu libre.

BUNZIGIYE Gandhi :
fils de Bunzigiye et de Chyabera, né en 1966 à Byahi, Collectivité de Bukumu, étudiant, prévenu libre.

GASANA Aloys (fils) UGIRUMWAMI :
fils de Gasana et de Uwantege, originaire de Goma-Byahi-Zone du Nord Kivu en République du Zaïre, et y résidant, né en 1962, célibataire, veilleur de nuit chez KAJEGUHAKWA Valens, prévenu libre.

Jacques (N.A.I.)

3. IBYAHA BAREGWA N'AHO BYABEREYE :

Kuba bari ku Gisenyi, Komini Rubavu, Prefegitura Gisenyi, Repubulika y'u Rwanda, tariki ya 19/5/1990, ari gatozi, bafatanije cyangwa bamwe ari ibyitso by'abandi, art 89, 90 na 91 du CPR L 1er, barakubise

KA02 1038

kandi bagakomeretsa uwitwa MANZI Djamari, art 318 du CPR L II.

Kuba bari ku Gisenyi, Komini Rubavu, Prefegitura Gisenyi, Repubulika y'u Rwanda, tariki ya 19/05/1990, ari gatozi, bafatanyije cyangwa se bamwe ari ibyitso by'abandi, art 89, 90 na 91 du CPR L 1er mu magambo, barakanze ku gahato cyangwa ku bw'amigure MANZI Djamari, art 340 du CPR L II.

Kuba nanone bari ahantu hamwe n'ahavuzwe haruguru kandi mu gihe kimwe no mu buryo bumwe, ku bw'inabi kandi mu ruhame, baraciriye igikorwa cyeruye kandi gishobora gutesha umuntu icyubahiro n'agaciro cyangwa se kumusuzuguza mu bandi, ba Milita Colonel RWAGAFILITA na SERUBUGA, Major MUGEMANA, Milita MWISENEZA François, MANZI Djamari, Donatilla n'abandi batashoboye kumenyekana, art 391 du CPR L II.

Kuba nanone bari ahantu hamwe n'ahavuzwe haruguru kandi ku itariki ya 29/05/1990, ari gatozi bafatanije cyangwa bamwe ari ibyitso by'abandi, baranze amahamagarwa bohererejwe n'ubushinjacyaha mu gihe bari bahamagariwe ibyerekeye akazi, art 233 alineya 3 du CPR L II.

4. IMIKORERE Y'IBYAHA N'IBIMENYETSO :

Mu ijoro ry'itariki ya 19 rishyira iya 20/04/1990 umugabo KAJEGUHAKWA Valens yaba yaratewe n'abantu bari bitwaje imbunda zikaze, ku buryo we yemeza rwose ko abamuteye bari abasirikare dore ko yemeza ko we ubwe yabiboneye, kimwe n'umuzamu we witwa BUNZIGIYE Gandhi.

Iperereza ryakozwe ryabuze ikimenyetso na busa cyemeza ko icyo gitero cyaba cyarabayeho koko, kuko ibyo KAJEGUHAKWA Valens n'umuzamu we BUNZIGIYE bavuze byose byasuzumwe ariko hakabura ukuri kwabyo. Nawe se koko byashoboka bite ko umuntu yaterwa aturanye n'abandi, hagashira icyumweru cyose ntacyo barumva kuri iryo terwa, dore ko kimwe n'abatuye mu mpera y'isi, nabo babimenye ari uko bisohotse mu kinyamakuru KANGUKA, kugeza ubu tutarasobanukirwa neza uburyo cyo cyabimenye rugikubita, nyamara izindi nzego zibishinzwe ndetse, izabyumvise mbere hari hashize iminsi ibiri bibaye.

Ikindi ni uko KAJEGUHAKWA Valens avuga ko kuba atarahitanywe n'icyo gitero ari ibanga yari aziranye ho n'umuzamu we BUNZIGIYE Gandhi. Iryo banga rero koko ntawahakana ko rihari, kuko bitoroshye kumva uburyo Gandhi urangije humanités commerciales akaba umwana wa KAJEGUHAKWA Valens kuko umugore we ava inda imwe na nyina wa BUNZIGIYE, aho kumushakira akazi gakwiranye n'amashuri ye dore ko atajyaga kukamuburira, we akamuhitiramo ako ubuzamu! Ngiryo ibanga nyakuri ryakijije KAJEGUHAKWA Valens naho ubundi ibye biba byararangiye!

Mu gihe rero ibyo byari bigikurikiranywe ku wa 19/05/1990 kwa KAJEGUHAKWA Valens nibwo hafatiwe umuntu witwa MANZI Djamari wabaga ngo yari azanywe no guhekura uwo mugabo, kuko ngo yari azanywe no kuroga umuhungu we w'imfura witwa KAJEGUHAKWA Christian, na we akizwa n'Imana yakinze ukuboko ituma uwo Djamari afatwa ataragera ku mugambi we, ku buryo n'uburozi yagombaga gukoresha yabufatanywe. MANZI amaze gufatwa ngo yaba yaravuze abari bamutumye gukora iryo bara, muri bo uw'ingenzi akaba RUBANGURA François, ariko ubusanzwe witwa MWISENEZA François, kuko ngo ari we watanze uburozi, uretse ko na we ngo yabaga yatumwe n'abandi ari bo Colonel RWAGAFILITA, Colonel SERUBUGA na Major MUGEMANA. MANZI yavuze kandi ko ngo kugira ngo yizere ibyo MWISENEZA yamubwiraga ari ukuri, bagombye kujyana kwa Colonel RWAGAFILITA na we ubwe arabimwibwirira, abona kubemerera kuzabarangiriza uwo mugambi, kuko we kubona KAJEGUHAKWA Christian byari bimworoheye, ariko agafatanya n'umukobwa witwa MUKAKAYIBANDA Donatilla, kuko we yari azi neza ko KAJEGUHAKWA Christian amubonye atamwibuza.

MANZI amaze guhishurira KAJEGUHAKWA Valens uwo mugambi n'abari bawuteguye bose n'uburyo wagombaga kugerwaho, ashoje avuga ko kuri we ahubwo iyo ashaka kumwica aba yarabigezeho kera kuko ngo inshuro eshatu zose yari yaraje ino ku Gisenyi afite ubwo butumwa, ariko buri gihe agatinya kubusohoza kubera gutinya gutatira igihango afitanye n'umuryango wa KAJEGUHAKWA Valens, dore ko ari we wamurwanyeho yiga amashuri, amutangirira minerval. Iyo yasubiraga i Kigali rero, ngo yabeshyaga bene kumutuma ko imihango bamubwiye gukora yose yayirangije maze uburozi akabuta mu musarani, abandi bagategereza ko umuntu yazapfa bagaheba!

KAJEGUHAKWA Valens amaze kumva ibyo, yahamagaye abantu bo hanze ngo nabo biyumvire ibyo bintu kandi bazabihamye mu bandi, anibuka noncho kubimenyesha n'inzego zibishinzwe, nazo zihita zitangira umurimo wo kumenya ukuri n'ishingiro ry'ibyo bintu.

Ntibyateye kabiri rero nyir'ugutanga uburozi arabazwa, atsemba rwose ko ibyo bintu atabizi, maze agiye kwerekana ukuri kwe atanga passe-port ye agaragaza ko amatariki yose MANZI yari yavuze yagiye umuheraho uburozi batashoboraga kubonana, kuko icyo gihe yabaga ari mu mahanga, uretse incuro ya nyuma nabwo ariko akaba ari nta buryo bajyaga kubonana mu masaha MANZI yavuze, kuko MWISENEZA yari yiyiririwe mu nama ya Minisitiri w'Ubucuruzi no Kurengera Abaguzi, yabereye i Kigali ku wa 19/05/1990, kuva saa tatu za mugitondo kugera saa tatu z'ijoro.

Imvugo ya MWESENEZA na passe-port ye, hamwe n'ibindi byose MANZI yagiye aburira ibisobanuro byatumye abona ko yatahuwe, niko kwikwitura ikintu cy'iterabwoba yari yashyizwemo, ati ni ha handi hanjye ibyiza ni ukuvugisha ukuri byaba ngombwa akaba ariko nzira, aho kuzira ibyo ntazi inkomoko n'impamvu yabyo.

Yongeye kubazwa rero, asobanura ukuntu yageze kwa KAJEGUHAKWA Valens n'icyamugenzaga, ati ni amafaranga nari maze igihe nsaba Christian kugira ngo nkomeze amashuri. Yatubwiye ko akigera kwa KAJEGUHAKWA Valens, Christian yamwakiriye uko bisanzwe, amubaza amakuru undi ati ni meza, niko kumutekerereza uko se yatewe mu minsi yashize, ati none kugira ngo twerekane ko ari abasirikare bamuteye boherejwe n'abakuru babo, ugomba kubimfasha-

KA021039

mo ukemera guhamya ibi n'ibi. Ibyo MANZI ngo byaramushobeye arahakana, haba haje igisumizi BUNZIGIYE kimuhata inshyi, Jacques ahururana inkota ayimufatira ku ijosi, bati ibyo bintu nutabyemera ni ha handi hawe ntuva aha! Amaze kubura uko agira rero kubera inkoni yakubitwaga n'iterabwoba bamushyizeho MANZI ngo yaje kwemera ibyo yategetswe, barabimwigisha, maze babonye amaze kibifata babwira KAJEGUHAKWA Valens ko byatunganye, azana Radio Cassette amufata amajwi, ku buryo yumvaga aho agiye guteshukwa akamuyobora, na we amaze kumva ko ibintu byatunganye ahuruza abo yise inshuti ngo nazo zize ziyumvire maze zizajye kubihamya.

Koko rero, iyo usesenguye ibisobanuro byatanzwe na MANZI avuga amavu n'amavuko y'amagambo yavugiwe kwa KAJAGUHAKWA Valens, ukareba uburyo yari asanganywe na Christian bigeza ubwo yajyaga amuzanira abagore akuye i Kigali, wareba n'uburyo agaragaza icyari kimugejeje aho ko ari amafaranga yo gutuma yikomereza amashuri, kandi koko na Christian ubwe akaba yemera ko bari barigeze kubivuganaho, usanga nta shiti muri iyo minsi Christian yari amwizeye, ateganya ndetse ko azanamuzanira MUKAKAYIBANDA Donatilla bita Dona, ari nayo mpamvu mu byo MANZI yavuze mbere, yemezaga ko na Dona (Donatilla) hari uburozi yahawe na MWISENEZA bwo guhita burangiza Christian. Nyamara iperereza ryagaragaje ko abo bantu bombi bataziranye na gato.

Si ibyo gusa kandi, kuko iyo ugeretseho ko ibyo bise uburozi bafatanye MANZI ari ibintu bidafite ubushobozi bwo kwica kuko nyirabyo yasobanuye ko ari impigi imurinda, ibyo kandi akaba yarabisobanuye rugikubita ubwo yari kwa KAJEGUHAKWA Valens nk'uko umwe mu bazamu be abihamya, nyamara nyuma bakanga bakamwemeza ko ari uburozi bwo kwica na we akabyemera, twe aho abitubwiriye tukaba twaragiye kwibariza uwamuhaye iyo mpigi, Citoyen KAMBERE KAMATE, akatubwira rwose ko ari we wayitanze koko ko nta bubasha bwo kwica ifite, ku buryo hari n'abandi yagiye aziha zimeze nka yo, umwe muri bo akaba yaraduhaye iyo na we yahawe, koko twazigereranya ugasanga zihuye.

Iyo nanone urebye imvugo ya MANZI ko kugira ngo yemere kuvuga ariya magambo yakubiswe cyane anashyirwaho iterabwoba ko niyanga kubyemera bamwica, ibyo bikaba byemezwa na raporo ya muganga yemeza ko MANZI yakubwiswe koko, BUNZIGIYE na GASANA ibyo bakaba batabihakana kuko umwe yemera ko yamukubise urushyi undi akamumenaho amazi, ndetse na KAJEGUHAKWA Valens hamwe n'umuhungu we Christian bakaba badahakana iryo kubitwa uretse ko babigira ibintu byoroheje, bituma umuntu yizera nta gushidikanya ibisobanuro bya MANZI, maze byakubitiraho ko bene ukurega bamaze kumva ko MANZI yabavuyemo bakanga kongera kubazwa, n'ibyo bari bamaze gusobanura bakanga kubisinyira, usanga nabo rwose baramenye ko bavumbuwe muri uriya mugambi wo gushaka gusebya abantu, uretse ko bawugezeho, bakaba rero bagomba guhanirwa icyo cyaha nk'uko giteganijwe ku ngingo ya 391 du CPR L II.

kindi bagomba guhanirwa ni biriya byaha bakoreye MANZI byerekeye kumukubita no kumutera ubwoba bamuhata kuvuga abantu bari bagamije gusebya, nabyo bikaba biteganijwe mu ngingo za 318 na 340 z'igitabo cya kabiri cy'amategeko ahana ibyaha, tutibagiwe icyaha cyo kuba baranze kwitaba umushinjacyaha, kandi bari bahamagawe mu buryo bukurikije amategeko kandi bahamagariwe ibyerekeye akazi.

Birumvikana kandi ko ibi byaha baregwa bose babigizemo uruhare, nka KAJEGUHAKWA Valens nta buryo yageragezaga kuvuga ko ntacyo yari abizi ho, mu gihe MANZI yemeza ko kugira ngo areke gukubitwa ari we wabitegetse, amaze kumva ko ibyo bashakaga ko avuga amaze kubimenya. Byongeye kandi KAJEGUHAKWA Valens ni we watumije abaje kumva ayo magambo, agamije ko nabo bayakwiza muri rubanda, ngo barahamya ibyo biyumviye. Ntawabura guhamya ahubwo ko KAJEGUHAKWA Valens ari we muyobozi mukuru dore ko ari na we wababujije kongera kwitaba amahamagarwa bari bohererejwe na Parike.

Naho KAJEGUHAKWA Christian uruhare rwe narwo si ruto, kuko ari we wavuze ko MANZI agomba kuzaza kumusura muri iyo minsi amuzaniye Donatilla, bituma umugambi wo kurogwa kwe ucurwa, anafatanya na bagenzi be b'abazamu iwabo kuwugeraho bakubita kandi banakanga MANZI, ko natemera kubivuga bamugirira nabi.

BUNZIGIYE na GASANA bo ubwabo biyemerera ko umwe yakubise undi akanamena amazi kuri MANZI, akanamukubita indobo yari irimo amazi, naho Jacques n'ubwo atabonetse bwose ashinjwa na MANZI kuba ari we wari umufatiye icyuma ku gikanu.

5. UMWANZURO:

Gukurikiranwa mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi.

6. UBWOKO BW'IBYAHA BASHINJWA:

— Gukubita no gukomeretsa undi ku bushake, art 318 du CPR L II;
— Ibikangisho byo kugirira nabi umuntu, art 340 du CPR L II;
— Ubusebanye, art 391 du CPR L II;
— Kwanga kwitaba ihamagarwa ryakozwe n'umuntu ubifitiye ububasha, art 233 al. 3 du CPR L II.

7. IBINTU BYAFATIRIWE:

— Reba dosiye.

8. ABAGABO BABAJIJWE:

— Reba dosiye.

9. ICYIFUZO CY'UBUSHINJACYAHA:

Ibyaha bibiri bya mbere, ni impuriranye y'imbonezamugambi.

* Amezi atandatu y'igifungo buri muntu agatanga n'ihazabu ya 2 000 Frw, délai immédiat sinon 30 jours de CPC chacun + EF (art. 340).
* Umwaka w'igifungo buri muntu ku cyaha cy'ubusebanye, art 391 du CPR L II.
* Amezi abiri y'igifungo buri muntu ku cyaha cyo kwanga kwitaba, art 233 al. 3 du CPR L II.

Bose bagahita bafatwa bagafungwa kabone n'iyo bajurira, kuko ibimenyetso byerekana ko bashobora guhunga ibihano bahabwa n'inkiko.

* Kuzakurikirana Jacques yabonetse.

Bikorewe i Gisenyi, ku wa 6/06/1990.
Umushinjacyaha wize urubanza.

HABINSHUTI Floribert.
(Sé)

KA02 1040

KA021040

URUBANZA RWA KAJEGUHAKWA VALENS RWABABAJE RUBANDA RUGUFI

URUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA GISENYI RURI KU GISENYI RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'INSHINJABYAHA RUHAKIRIJE URU RUBANZA NONE KU WA 11/06/1990 KU BURYO BUKURIKIRA

HABURANA

Urega: UBUSHINJA-CYAHA

Uregwa:

1. **KAJEGUHAKWA Valens:**

Mwene Ruhunyuzi na kambugu, wavukiye i Rukoko muri 1942, Komine ya Rubavu, Perefegitura ya Gisenyi, utuye ku Gisenyi, Komini Rubavu, Perefegitura ya Gisenyi, washakanye na Kamaraba, bafitanye abana batandatu, umucuruzi;

2. KAJEGUHAKWA Christian:

Mwene Kajeguhakwa Valens na Kamaraba, awukiye i Kibali, Komini ya Kibali, Perefegitura ya Byumba muri 1967, akaba umunyeshuri.

3. BUNZIGIYE Gandhi:

Mwene Bunzigiye na Cyabera, wavukiye i Byahi muri 1966, collectivité ya Bukumu akaba umunyeshuri;

4. GASANA Aloys alias Ugirumwami:

Mwene Gasana na Uwanteye, wavukiye i Byahi muri 1962, Zone ya Kivu ya ruguru i Goma muri Repubulika ya Zayire ari naho atuye, ingaragu ukora akazi k'ubuzamu bw'ijoro kwa Kajeguhakwa Valens.

IBYAHA BAREGWA NAHO BYAKOREWE:

– Kuba bari ku Gisenyi, Komini Rubavu, Perefegitura ya Gisenyi, Repubulika y'u Rwanda, tariki ya 19/05/1990, ari gatozi, bafatanyije cyangwa bamwe ari ibyitso by'abandi nkuko biteganywa n'ingingo ya 89, 90, 91 z'igitabo cya mbere cy'amategeko ahana, barakubise kandi bagakomeretsa uwitwa Manzi Djamari (Art. 318 CPL II);

– Kuba bari ku Gisenyi, Komini Rubavu, Perefegitura ya Gisenyi Repubulika y'u Rwnada, tariki ya 19/05/1990, ari gatozi, bafatanyije cyangwa bamwe ari ibyitsso by'abandi (Art. 89,90,91 CPL I) mu mahambo, barakanze ku gahato cyangwa ku bw'amigure uwitwa Manzi Djamari (Art. 340 CPL II).

Kuba nanone bari ahantu hamwe n'ahavuzwe haruguru kandi mu gihe kimwe no mu buryo bumwe, ku bw'inabi kandi mu ruhame, baraciriye igikorwa cyeruye kandi gishobora gutesha umuntu icyubahiro n'agaciro cyangwa se kumusuzuguza mu bandi, ba Koloneli RWAGAFILITA, SERUBUGA, MAJORO MUGEMANA, MWISENEZA François, MANZI Djamari, DONATILLA n'abandi batashoboye kumenyekana (Art. 391 CPL II);

– Kuba nanone bari ahantu hamwe n'ahavuzwe haruguru kandi ku itariki ya 29/05/1990 ari gatozi, bafatanyije cyangwa bamwe ari ibyitso by'abandi baranze amahamagarwa bohererejwe n'umushinjacyaha mu gihe bari bahamagariwe ibyerekeye akazi (Art. 233 al. 3 CPL II).

RUMAZE kubona iperereza ryaratangiriye mu bushinjacyaha muri parquet ya Repubulika iri ku Gisenyi, nyuma idosiye ikohererezwa uru rukiko ku wa 06/06/1990 iherekejwe n'urwandiko n° G/643 RMP 61 161 S4/PRORE kugira ngo ruyisuzume, ruyiburanishe kandi ruce urubanza, maze rukandikwa mu gitabo cy'ibirego by'inshinja-byaha kuri RP 3342/90;

RUMAZE kubona itegeko rya Perezida w'uru Rukiko ryo ku wa 07/06/1990 rishyira iburanisha ry'urubanza 09/06/1990 abashinjwa bagahamagarwa mu buryo bukurikije amategeko kugira ngo bazaze kwiregura kuri ibyo byaha bashinjwa;

RUMAZE kubona ko intumwa y'Urukiko yarageje impapuro zihamagara ku bashinjwa tariki ya 07/06/1990 bakanga gusinya nkuko byemezwa n'abagabo babibonye aribo Sergent NSABIMANA Second, Umujandarume RUHUMURIZA Emmanuel na BAHEMBERA Alphonse percepteur w'amaposita ku Gisenyi;

RUMAZE kubona ko nyuma y'aho, bohererejwe izindi mpapuro zibahamagara zinyujijwe mu i posita ku buryo bushinganye nanone bakanga kuzakira nkuko byemezwa na bahembera Alphonse, percepteur w'amaposita ku Gisenyi mu rwandiko rwe n° 12.04.06/GSY/157/90 yo ku wa 07/06/1990 yandikiye Porokireri wa Repubulika hano i Gisenyi;

RUMAZE kubona urwandiko KAJEGUHAKWA Valens yandikiye Perezida w'uru Rukiko tariki ya 08/06/1990 ikamugeraho tariki ya 09/06/1990 amumenyesha ko adashobora kuza kuburana, ibyo rero bikaba byerekana ko yari azi neza umunsi w'iburanisha bityo kutitaba kwe akaba yarabigize nkana kimwe n'umuhungu we Kajeguhakwa Christian wasinye kuri iyo barwa akaba kandi ari nta gushidikanya ko Gasana Aloys na Bunzigiye Gandhi babimenye kuko ari abakozi ba Kajeguhakwa valens kandi baba mu rugo rwe;

RUMAZE kubona abashinjwa bose bataritabye Urukiko ku munsi w'iburanisha, bityo rugafata icyemezo cyo kuburanisha urubanza badahari kubera impamvu zimaze kuvugwa haruguru kandi bikaba biteganywa n'amategeko;

RUMAZE kumva umucamanza uyobora imirimo y'iburanisha asomera mu ruhame imyirondoro y'abashinjwa n'ibyaha bashinjwa, yarangiza agaha ijambo umushinjacyaha wari uhagarariye ubushinjacyaha muri uru rubanza kugira ngo yerekane ibimenyetso bushingiraho burega KAJEGUHAKWA Valens na bagenzi be;

RUMAZE kumva umushinjacyaha asomera mu ruhame inyandiko-mvugo isoza iperereza ry'uru rubanze yanashyikirije urukiko kuri uwo munsi w'iburanisha isobanura neza ukuntu Kajeguhakwa valens n'umuhungu we Kajeguhakwa Christian bagiye umugambi wo gucirira abantu amarozi bifashishije Bunzigiye Gandhi na Gasana Aloys bagakubita Manzi Djamari kugeza aho bashakira kumwicisha inkota ari nabwo yaje kubemerera kujya yemeza ko Koloneli RWAGAFILITA, Koloneli SERUBUGA na MAJORO MUGEMANA ari bo bamuhaye ibirozi byo kwica KAJEGUHAKWA Christian babinyujije kuri MWISENEZA François ari we KAJEGUHAKWA Valens we yita RUBANGURA François, umushinjacyaha yagera hagati akabwira urukiko ko abonye uwo Manzi Djamari na MWISENEZA baje mu Rukiko ko rero byaba byiza narwo rubibarije kugira ngo bavugire mu ruhame uko bazi ibyo bintu;

RUMAZE kubona ko icyo cyifuzo cy'ubushinjacyaha cyakwakirwa rugahita rubaza niba abo bantu bombi bahari koko, kandi rwabahamagara bakitaba maze rugasaba Mwiseneza François kuba yiheje kugira ngo Manzi Djamari abe ari we ubanza gusubiza ibibazo ari guhabwa n'urukiko;

RUMAZE kumva abazwa niba koko yarazaniye KAJEGUHAKWA Valens uburozi bwo kwica umwana we KAJEGUHAKWA Christian, agasubiza avuga ko Kajeguhakwa amubeshyera kubera ko afite ibimenyetso byinshi bibigaragaza, yabazwa ukuntu baziranye n'uko yageze mu gipangu cyabo kugeza ubwo akubitwa bigatinda nkuko bigaragazwa n'icyemezo cyo kwa Muganga wa Leta ukora mu Bitaro byo ku Gisenyi, wamusuzumye ku wa 26 Gicurasi 1990, agasobanura ko kugira ngo amenyane na Kajeguhakwa Valens byatewe n'uko yari atishoboye yajya kumutakira akamwumva akajya amuha 500 frw yo kumutunga buri munsi kugeza ubwo amugiriye inama yo gukomeza amashuri ngo yabonaga akiri muto noncho akajya amutangira amafaranga y'ishuri muri C.E.T.A.I. Rugunga bityo bigatuma aba nk'umwana mu rugo akaba ari nabwo yaje kumenyana neza na Kajeguhakwa Christian, umuhungu wa Kajeguhakwa Valens kuko nawe yajyaga ajya kumureba kenshi amugezaho ibibazo by'amafaranga kuko nawe iyo yabapa ayafite yarayamuhaga atuyabona akamuha igihe azazira iwabo kuyafata hakaba ndetse n'igihe Kajeguhakwa Christian amutumye kumushakira abakobwa beza;

RUMAZE kumva Manzi Djamari akomeza gusobanura ko kugira ngo agere mu gipangu cya Kajeguhakwa Valens byatewe nuko yari aje gufata amafaranga ya tike yo kujya kwiga nkuko Kajeguhakwa Christian yari yabimusezeranyije nyamara aho kumuha ya mafaranga ya tike yamwemereye agahita amubaza niba yaramenye ko Se Kajeguhakwa valens bari bagiye kumwica muri iyo minsi we akamusubiza ko yabimenye muri KANGUKA nyuma agatangira kumubwirana uburakari avuga ko imigambi afite yo kumuroga yayimenye ari nabwo abazamu bari aho barimo Gasana Aloys na Bunzigiye Gandhi batangiye kumukubita banamumenaho amazi kugeza ubwo haziyeho abandi basore atazi nyuma Kajeguhakwa Christian akaza kuvuga ko bamusaka ngo wenda yaba yazanye ayo marozi, noneho bamusaka bakamusangana agaptunyika yari yahawe n'umupfumu atazi izina uretse kuba atuye i Goma mu Birere ho muri Zaïre ako gaptunyika kakaba karimo uduti yari yamuhaye ngo tujye tumufasha mu bibazo by'amafaranga akunze guhura nabyo kandi bikaba byaranemejwe n'umupfumu wabitanze utuye i Goma mu Birere ho muri Zaïre witwa KAMBERE-KAMATE wanabiriyeho, kugira ngo agaragaze ko ari ibintu bitica akanavuga n'abandi yabihaye kandi muri bo hakaba harashoboye kuboneka uwitwa Nzamwita Paulin na we wabyerekanye maze ugasanga bisa neza n'ibyo Manzi Djamari yafatanywe igihe yakubitirwaga kwa Kajeguhakwa Valens;

RUSANZE Manzi yarakubiswe cyane ndetse bamutera ubwoba bashaka kumwica akaba atarakubiswe urushyi rumwe gusa ngo amenweho n'amazi nkuko Kajeguhakwa Valens yabyivugiye mu nyandikomvugo yabo yabarijwe muri Parike, kimwe n'imvugo z'abo bafatanyije kuko icyemezo cyo Muganga wa Leta Ntezayabo Benoit ukora mu Bitaro by'i Gisenyi cyakozwe ku wa 26 Gicurasi 1990 Manzi Djamari amaze gusuzumwa, cyerekana ko umubiri we wari ufite ububyimba bwinshi cyane cyane mu gatuza, ku mugongo ku birenge no ku munwa ndetse bakaba barasanze baramukomerekeje ku kirenge cy'iburyo;

RUSANZE rero ibyo byaha byombi bibahama bose hamwe nkuko bimaze gusobanurwa ruguru, kandi bikaba ari impurirane y'imbonezamugambi bityo bakaba bakwiye guhanishwa igihano giteganywa ku cyaha kirushije ikindi uburemere ari cyo cyo kuba barakubise Manzi Djamari bamaze igihe babigambiriye Art. 318 CPL II al. 2 CPL II;

RUSANZE icyaha abashinjwa bakurikiranyweho icyaha cyo kuba ku bw'inabi mu ruhame baraciriye Colonel RWAGAFILITA, Colonel SERUBUGA, Major MUGEMANA, MWISENEZA François, Manzi Djamari na Donatilla igikorwa cyeruye gishobora kubatesha icyubahiro n'agaciro cyangwa kikabasuzuguza mu bandi gihama Kajeguhakwa Valens n'umuhungu we Kajeguhakwa Christian, kuko Kajeguhakwa Valens mu nyandiko ye yandikiye Parike ya Repubulika i Gisenyi, yavuze ko Rubangura François ari we Mwiseneza yahaye Manzi Djamari uburozi atumwe na Colonel RWAGAFILITA, Colonel SERUBUGA na Major MUGEMANA kugira ngo bice umuhungu we Kajeguhakwa Christian, ngo mu gihe bitaba bikunze bakaba bubuha

akaba yari yarahajyanywe na Nzamwita Paulin, umukozi wa BIKINI TAM-TAM na we ufite nkatwo, ariko bo bakanga bakabyita amarozi bityo akarushaho gukubitwa kugeza igihe bazanye inkota kugirango bamwemeze ko agomba kuvuga ko ari amarozi yari yahawe na Mwiseneza François atumwe na ba Koloneli Rwagafilita, Serubuga na Major Mugemana kugira ngo bice Kajeguhakwa Christian yabona agiye gupfa akabyemera ari nabwo umugore wa Kajeguhakwa Valens yavuye mu nzu akabategeka ko bamushyira Kajeguhakwa Valens na we agahita amushyira kuri «Cassette» kugira ngo abisubiremo kandi anavuge uko byagenze amwizeza ko nabisubiramo neza ntacyo azaba amushyigikira ku buryo bwose;

RUMAMZE kubona umushinjacyaha wari uhagarariye ubushinja-cyaha muri uru rubanza aha urukiko amabahasha abiri iya NZAMWITA Paulin n'iya MANZI Djamari n'urwandiko rw'abajya mu mahanga (Passe-port) rwa MWISENEZA François;

RUMAZE kubona ari ngombwa kuyafungurira mu ruhame kugira ngo rurebe ibirimo nyuma rugasanga muri ayo mabahasha yombi harimo uduti duhambiriye hamwe kandi tumeze kimwe noncho Manzi Djamari yabazwa niba uduti urukiko rwerekanye ari two yafatanywe koko, akavuga ko ari two ko n'uwo mupfumu bamushatse akaboneka ndetse akanaturyaho agira ngo yerekane ko atari amarozi rwose ahubwo ari impigi ajya yihera abantu ngo bajye bakundwa, agasoza amagambo ye avuga ko iyo bintu yavuze atari ukuri ko ari ibintu yatekerewe na Kajeguhakwa valens n'umuhungu we Kajeguhakwa Christian kugira ngo basohoze umugambi waho;

RUMAZE kumva Mwiseneza François wari wahejwe ahamagarwa yagera mu Rukiko akabazwa niba hari uburozi yigeze ahabwa kugira ngo yice Kajeguhakwa Christian, agasubiza ko atigeze abuhabwa;

RUMAZE kumva abazwa niba hari ubucuti afitanye na ba Koloneli Rwagafilita, Serubuga na Majoro Mugemana kandi aziranye na Kajeguhakwa Valens n'umuhungu we Kajeguhakwa Christian, agasubiza ko yababonye ariko ko batamuzi uretse Kajeguhakwa Christian bahura bagasuhuzanya, gusa ari nta bucuti bafitanye;

RUMAZE kumva abazwa niba yarigeze ahonana na Manzi Djamari mu kwezi kwa gatatu no mu kwa kane 1990 no ku wa 17/05/1990, agasubiza ko nkuko yabisobanuye mu bushinjacyaha atari azi Manzi ko ariko bakimara kumwereka ifoto ye, yibutse ko uwo Manzi yigeze kuza kumusaba amafaranga akamuha 500 FRW akanamubwira ko atazongera kumugaruraho ibibazo by'amafaranga naho ku byerekeye ariya matariki atashobora kwibuka neza aho yari ari muri ayo gihe gusa akaba yemeza ko kuva tariki ya 20 kugeza ku itariki ya 27 Werurwe 1990 yari muri Kenya naho kuva tariki ya 28 Werurwe 1990 kugeza tariki ya 13 Mata 1990 yari mu Bufaransa ko rero ibyo urukiko rwabyemezwa n'urwandiko rw'abajya mu mahanga (Passeport) rwashyikirijwe Ubushinjacyaha, agakomeza avuga ko tariki ya 17 Gicurasi 1990 yiriwe mu nama ya Minisitiri w'Ubucuruzi no kurengera abaguzi kuko akorana na se akazi k'ubucuruzi;

RUMAZE kumva Mwiseneza François abazwa impamvu Manzi Djamari yaba yaramuvuze amubeshyera, agasubiza ko na we kugeza ubu yayibajije ikaba yaramuyobeye.

RUMAZE kumva umushinjacyaha yongera gufata ijambo akavuga ko iyo usesenguye ibisobanuro byatanzwe n'ibimaze gutangwa na Manzi avuga amavu n'amavuko y'amagambo yavugiwe kwa Kajeguhakwa Valens, ukareba uburyo yari asanganywe na Kajeguhakwa Christian kugeza ubwo yajyaga amuzanira abagore akuye i Kigali, wareba n'uburyo agaragaza icyari kimugejeje aho ko ari amafaranga yo gutuma yikomereza amashuri, kandi koko na Christian ubwe akaba yemera ko hari hatigeze kubivuganaho, usanga nta shiti muri iyo minsi Christian yari amwitezeho ateganya ndetse ko azamuzanira Mukakayibanda Donatilla hita Dona, ari nayo mpamvu mubyo Manzi yavuze mbere yemezaga ko Dona hari uburozi yahawe na Mwiseneza bwo guhita bwangiza Christian, nyamara kandi iperereza rikaba ryaragaragaje ko abo bantu bombi batazinanye na gato.

RUMAZE kumva umushinjacyaha akomeza kuvuga ko atari ibyo gusa kuko iyo ugeretseho ko ibyo bise uburozi bafatanye Manzi ari ibintu bidafite ubushobozi bwo kwica kuko nyirabyo yasobanuye ko ari impigi imurinda, ibyo kandi akaba yarabisobanuye rugikubita ubwo yari kwa Kajeguhakwa Valens nkuko umwe mu bazamu be abihamya, nyamara nyuma bakanga bakamwemeza ko ari uburozi bwo kwica na we akabyemera, nyamara aho Kajeguhakwa abibabwiriye, bakaba baragiye kwibariza uwahaye Manzi iyo mpigi Citoyen KAMBERE KAMATE, akababwira rwose ko ari we wayitanze koko, ko ariko nta bubasha bwo kwica ifite, ku buryo bari n'abandi yagiye aziha zimeze nkayo umwe muri bo akaba yarabahaye iyo na we yahawe koko bazigereranya ugasanga zihuye,

RUMAZE kumva umugenzacyaha akomeza kuvuga ko nanone iyo urebye imvugo ya manzi aho asobanura ko kugira ngo yemere kuvuga ariya magambo yakubiswe cyane anashyirwaho iterabwoba ko niyanga kubyemera bamwica, ibyo bikaba byemezwa na raporo ya Muganga igaragaza ko manzi yakubiswe koko, Bunzigiye na Gasana ibyo bakabu batabihakana, kuko umwe yemera ko yamukubise urushyi, undi akamumenaho amazi, ndetse na Kajeguhakwa Valens hamwe n'umuhungu we Christian bakaba badahakana iryo kubirwa uretse ko babigira ibintu byoroheje, bituma umuntu yizera nta gushidikanya ibisobanuro bya Manzi, maze byakubitiraho ko bene ukurega bamaze kumva ko Manzi yabavuyemo bakanga kongera kubazwa, n'ibyo bari bamaze gusobanura bakanga kubisinya, usanga bo bose haramenyeye ko bavumbuwe muri uriya mugambi wo gushaka gusebya abantu, uretse ko bawugezeho, bakaba rero bagomba guhanirwa icyo cyaha nkuko giteganywa ku ngingo ya 391 y'igitabo cya kabiri cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda;

RUMAZE kumva nanone umushinjacyaha avuga ko ikindi bagomba guhanirwa ari biriya byaha bakoreye Manzi byerekeye kumukubita no kumutera ubwoba bamuhatira kuvuga abantu bari bagamije gusebya, nabyo bikaba biteganijwe mu ngingo za 318 na 340 z'igitabo cya kabiri cy'amategeko ahana ibyaha, hatibagiwe icyaha cyo kuba baranze kwitaba umushinjacyaha kandi bari bahamagawe mu buryo bukurikije amategeko, bahamagariwe ibyerekeye akazi;

RUMAZE kumva umushinjacyaha yongera kuvuga ko byumvikana kandi ko ibyo byaha abaregwa bose babigizemo uruhare ko nka Kajeguhakwa Valens nta buryo yagerageza kuvuga ko ntacyo yari abiziho, mu gihe Manzi yemeza ko kugira ngo areke gukubitwa ari we wabitegetse amaze kumva ko ibyo bashakaga ko manzi avuga amaze kubimenya, byongeye kandi Kajeguhakwa Valens akaba ari we watumiye abaje kumva ayo magambo, agamije ko nabo bayakwiza muri Rubanda kugira ngo bazahamye ibyo biyumviye, akaba rero ari ntawabura guhamya ko Kajeguhakwa Valens ari we muyobozi mukuru dore ko ari na we wababujije kongera kwitaba amahamagarwa bari bohererejwe na Parike;

RUMAZE kumva umushinjacyaha avuga ko uruhare rwa Kajeguhakwa Christian narwo atari ruto kuko ari we wavuze ko Manzi agomba kuzaza kumusura muri iyo minsi amuzaniye umukobwa witwa Donatilla, bituma umugambi wo kurogwa kwe ucurwa, anafatanya n'abazamu babo kuwugeraho bakubita kandi banakanga Manzi bamubwira ko natemera kubivuga bamugirira nabi, agakomeza avuga ko kuri Bunzigiye na Gasana bo ubwabo, umwe yiyemerera ko yakubise Manzi undi akamumenaho amazi akanamukubita indobo yari arimo, naho Jacques nubwo atabonetse bwose akaba ashinjwa na manzi kuba ari we wari umufatiye icyuma ku gakanu;

RUMAZE kumva umushinjacyaha asoza amagambo ye asaba ko Urukiko rwahanisha abashinjwa bose amezi atandatu y'igifungo buri muntu no gutanga ihazabu ya 2.000 FRW ku cyaha cyo gukubita no gukomeretsa Manzi n'icyaha cyo kumukanga ku gahato cyangwa se ku bw'amigure kuko ibyo byaha byombi ari impurirane y'imbonezamugambi, bitayatanga urubanza rukimara gusomwa hagafungwa iminsi 30 y'ingwatiramubiri buri muntu, akagurwa mu byaho ku ngufu za Leta, umwaka umwe w'igifungo kuri buri muntu ku cyaha cyo gusebanya n'amezi abiri y'igifungo buri muntu ku cyaha cyo kwanga kwitaba, bose bagahita bafatwa bagafungwa kabone n'iyo bajurira kuko ibimenyetso byerekana ko bashobora guhunga ibihano bahabwa n'Urukiko, naho Jacques akazakurikiranwa ukwe yabonetse.

RUMAZE kumva perezida uyobora imirimo y'iburanishe avuga ko nyuma y'ijambo ry'umushinjacyaha iburanisha rirangiye kandi ko urubanza ruzasomerwa mu ruhame ku wa 11 Kamena 1990 saa munani;

RUMAZE kubona ko nta yindi ngingo isigaye gusuzumwa muri uru rubanza ngo rucibwa, Urukiko rwarihereye, ruca urubanza ku buryo bukurikira.

RSUSANZE icyaha cyo kuba bafatanyije barakubise kandi bagakomeretsa Manzi Djamari, kibahama kuko Gasana Aloys na Bunzigiye Gandhi babyiyemereye igihe habazwaga mu bugenzacyaha naho Kajeguhakwa Christian akaba ari we wamutumyeho ava i Kigali kandi akaba ari na we wamwinjije mu gipangu cyabo akamutererereza abazamu babo, naho Kajeguhakwa Valens akaba yarahamije mu ibazwa rye bwa mbere ko uwo Manzi yakubitiwe iwe koko kandi agahamya ko hari uwamukubise urushyi undi akamumenaho amazi ngo uretse ko atabibuka amazina, ariko kuba byarabereye iwe mu rugo kandi ahari ntagire icyo abivugaho bikaba bigaragara ko yari azi neza uwo mugambi;

RUSANZE icyaha cyo kuba bafatanyije barakanze Manzi Djamari ku gahato cyangwa kubw'amigure nacyo kibahama, kuko mu gihe bamukubitaga bamuhatiraga kuvuga amagambo atari ukuri ko mu mutima kugira ngo bayafate kuri «cassette» kandi bakaba badahakana ko byabayeho koko ndetse Kajeguhakwa Valens wayifataga akaba yarivugiye ko bashatse yayibumvisha, nkuko bigaragara mu ibarwa yiyandikiye ubwo ayohereza Parquet ya Repubulika hano ku Gisenyi ku wa 22 Gicurasi 1990;

RUSANZE ibyo abashinjwa bose bavuga ari bo Kajeguhakwa Valens, Kajeguhakwa Christian, Bunzigiye Gandhi na Gasana Aloys ko Manzi yakubiswe bitewe n'amarozi bamufatanye atari ukuri kuko ibyo bise amarozi ari ibintu bidafite uburozi bwo kwica kuko nkuko nyirabyo Manzi Djamari yabisobanuye ko ari impigi yamurindaga ibyo

umukobwa witwa Donatila akaba ari we uzabuha Kajeguhakwa Christian, nyamara Mwiseneza François akaba yaragaragaje ko amatariki Manzi Djamari yavuze igihe yakubitwaga, asobanura ko ari yo bajyaga babonaniraho amuha ayo marozi, we yari muri kenya no mu Bufaransa ibyo bikaba bishyigikiwe n'urwandiko rwe rw'abajya mu mahanga (Passeport) N° 013347 87 ikindi gihe akaba yaririwe mu nama ya Minisitère y'ubucuruzi no kurengera abaguzi ku wa 17/05/1990 nkuko byemejwe n'abo bari bicaranye ari bo Rutagengwa Costica na Butswa Bakulesh; kandi akaba atari aziranye na Rwagafilita, Scrubuga na Mugemana nkuko yabisobanuye mu gihe cy'iperereza no mu gihe urukiko rwamubazaga naho Manzi Djamari akaba yaramubonaga ahita gusa azi kuniwaka amafaranga y'ishuri ikindi kandi ibyo Kajeguhakwa Valens na Kajeguhakwa Christian bise uburozi bikaba bvaragaragaye ko atari bwo;

RUSANZE ikindi kigaragaza ko Kajeguhakwa valens yashatse gusebya Colonel Rwagafilita, Colonel Scrubuga na Major Mugemana ari uko mu nyandiko ye yoherereje Parike ya Repubulika i Gisenyi ku wa 25/04/1990 yemeje ko abantu bari bamuteye mu ijoro ryo ku wa 19 rishyira uwa 20/04/1990 bitwaje imbunda, buri mu mato abiri afite moteri yabateshesheje ari uko arashe nyuma bagahunga bagana mu gace k'amazi ari hagati y'ahahoze KITRACO na GAZ METHANE, maze washishoza ugasanga nta handi yashakaga kuvuga uretse ikigo cy'abasirikari b'abakomando gihari aho bukorera imyitozo mu mazi;

RUSANZE kandi ipereresza ryakozwe na Komisiyo ya Perelegitura ishinzwe umutekano ryarabuze ikimenyetso nabusa cyemeza ko icyo gitero cyaba cyarabayeho koko, kuko abaturanyi ba Kajeguhakwa Valens bamenye ibyʼicyo gitero hashize icyumweru cyose, ndetse n'abazamu bose bo muri ako gace batuyemo, bakaba bahamya ko nta mato afite moteri bigeze bumva muri iryo joro avuga ko yatewemo, uretse BUNZIGIYE Gandhi wenyine umugore wa Kajeguhakwa Valens abereye nyina wabo wari waraye izamu muri iryo joro bityo uwo mugabo umwe akaba atari we wahamya ko icyo gitero cyabayeho kuko kandi bikaba bitumvikana ukuntu Kajeguhakwa yari kureba umwana wa mwene nyina w'umugore we urangije amashuri yisumbuye (Humanités Commerciales) ngo amuhe akazi k'ubuzamu kandi atabuze abandi bakozi ibyo byose bikaba bigaragaza ko yari intangiriro y'ibimenyetso byo gusebya bariya bategetsi bakuru bo mu ngabo z'u Rwanda ;

Rusanze kandi kuba KAJEGUHAKWA Valens varahise abimenyesha ikinyamakuru KANGUKA cyʼi Kigali ari naʼcyo cyabisakaje mu mpande zose zʼisi, nyuma akaza kubimenyesha inzego zʼisi, nyuma akaza kubimenyesha inzego zibishinzwe hashize iminsi ibiri, bigaragazu neza ko ibyʼicyo gitero yituriraabasirikari ari ibifitiranye ;

RUSANZE ariko iki cyaha cyo kuba BUNZIGIYE Gandhi na GASANA Aloys baracirye uburozi Colonel RWAGAFIRITA, Colonel SERUBUGA, Major MUGEMANA, MWISENEZA François, MANZI Djamari na Donatilla, kitabahama kuko babaye ibikoresho igihe bakubitaga MANZI Djamari kugira ngo yemere ibyo KAJEGUHAKWA Valens n'umuhungu we KAJEGUHAKWA Christian bari bagiyemo umugambi ari na bo bari bazi gahunda yʼingendo za MANZI Djamari nkʼuko na we ubwe yabisobanuriye urukiko ku munsi wʼiburanisha:

RUSANZE icyaha cyo kuba abashinjwa bose ari bo KAJEGUHAKWA Valens, KAJEGUHAKWA Christian, GASANA Aloys na BUNZIGIYE Gandhi, baranze kwitaba amahamagarwa bohereretwe n'umushinjacyaha kuwa 20/05/1990 mu gihe bari bahamagariwe ibyerekeranye n'ipereresza ryakorwaga kibahama, kuko nkʼuko bigaragara muri dosiye iteguriraurubanza, bari abakozi bo mu Posita ku Gisenyi barimo BAHEMBERA Alphonse, Perepiteur wʼiyo Posita, MUNYAKARAMA Athanase, umushoferi muri iyo Posita na MVUYEKURE Alphonse, umupalanto muri iyo Posita bemeje ko ayo mahamagarwa bayagejejwe kwa KAJEGUHAKWA Valens bakayabirukanana dore ko abashinjwa bose baba mu kigo kimwe.

RUSANZE rero abashinjwa bose bakwiriye guhanwa nkʼuko amategeko abiteganya, bagafatanya no gutanga umugarama yʼurubanza, ariko urukiko rugaca inkoni izamba kuko ari ubwa mbere bagwa mu cyaha :

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE

RUSHINGIYE ku Itegeko-Nshinga rya Repubulika yʼu Rwanda ku ngingo zaryo za 14, 81, 83, 87, 88, 89 na 90 ;

RUSHINGIYE ku Itegeko-Teka n° 09/80 ryo kuwa 7/07/80 rishinga imitunganyirize nʼububasha byʼinkiko cyane cyane mu ngingo zaryo za 6, 12, 104, 129, 199, 200 na 201 .

RUSHINGIYE ku Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 rishinga imiburanishirize yʼimanza zʼishinjabyaha nkʼuko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane ku ngingo zaryo za 16, 17, 58, 59, 62, 63, 64, 65, 67, 68, 74, 76, 80, 83, 84, 88, 90 na 138 al. 3 .

RUSHINGIYE ku ngingo ya 89, 90 na 91, 93, 97, 233, 318, al. 2, 340, 391, Zigitabo cyʼamategeko ahanaʼibyaha mu Rwanda .

RWEMEJE kwakira ikirego cyʼubushinja-cyaha kuko cyakurikije amategeko ;

RWEMEJE ko icyo kirego gifite ishingiro ;

RWEMEJE ko ibyaha KAJEGUHAKWA Valens KAJEGUHAKWA Christian, GASANA Aloys na BUNZIGIYE Ghandhi bashinjwa nkʼuko byanditswe mu kirego bibahama byose uretse icyaha cyo kuba kuba'inabi kandi mu ruhame barnoriye igikorwa cyeruye gishobora gutesha umuntu icyubahiro n'agaciro cyangwa se kumusuzuguza mu bandi kuri BUNZIGIYE Gandhi na GASANA Aloys bonyine nkʼuko byasobanuwe muri za rusanze zʼuru rubanza ;

RWEMEJE ko babihanirwa nkʼuko amategeko abiteganya bagafatanya gutanga amagarama yʼurubanza, uzashaka indishyi akazaziregera ;

Rukijije ko KAJEGUHAKWA Valens, KAJEGUHAKWA Christian, GASANA Aloys na BUNZIGIYE Gandhi batsinzwe ;

Ruhanishije KAJEGUHAKWA Valens, KAJEGUHAKWA Christian, GASANA Aloys na BUNZIGIYE Gandhi, igifungo cyʼimyaka ibiri kuri buri muntu no gutanga 5.000 Frw yʼihazabu buri muntu ku cyaha cyo gukubita bahigambiriye nʼicyo gukangisha ku gahato (cyangwa kubwʼamigure kuko ari impurirane yʼimbonezamugambi, batavatanga urubanza rukimara gusomwa buri wese agafungwa iminsi 30 yʼubugwatiramubiri akagurwa mu byabo ku ngufu za Leta ;

Ruhanishije KAJEGUHAKWA Valens na KAJEGUHAKWA Christian bonyine igifungo cyʼumwaka umwe buri muntu ku cyaha cyo gusebanya no gutanga 10.000 Frw yʼihazabu buri muntu, batayatanga urubanza rukimara gusomwa akagurwa mu byabo ku ngufu za Leta nabatje gufungwa iminsi 30 yʼubugwatira-mubiri naho GASANA Aloys na BUNZIGIYE Gandhi bakaba bagihanaguweho kubera impamvu zasobanuwe muri Rusanze ;

Ruhanishije KAJEGUHAKWA Valens, KAJEGUHAKWA Christian, GASANA Aloys na BUNZIGIYE Gandhi, igifungo cyʼimezi abiri buri muntu no gutanga 2.000 Frw yʼihazabu buri muntu ku cyaha cyo kwitaba umushinjacyaha wari uhahamagaye, batavatanga urubanza rukimara gusomwa akagurwa mu byabo ku ngufu za Leta ;

Byose hamwe ni ukuvuga ko KAJEGUHAKWA Valens, KAJEGUHAKWA Christian, bahanishijwe igifungo cyʼimyaka itatu n'amezi abiri n'ihazabu ya 17.000 Frw buri muntu, ariko kuko ari ubwa mbere bagwa mu cyaha bakaba bahawe isubika gihano mu gihe cyʼimyaka ine (3 ans et 2 mois d'emprisonnement avec sursis de 4 ans), naho GASANA Aloys na BUNZIGIYE Gandhi bakaba bahanishijwe igifungo cyʼimyaka ibiri n'amezi abiri n'ihazabu ya 7.000 Frw buri muntu ariko kuba nabo ari ubwa mbere bagwa mu cyaha bakaba bahawe isubika gihano mu gihe cyʼimyaka itatu (2 ans et 2 mois d'emprisonnement avec sursis de 3 ans).

RUBATEGETSE gufatanya gutanga amagaranta yʼurubanza uko ari 24.300 FRW batayatanga urubanza rukimara gusomwa akagurwa mu byabo ku ngufu za Leta, babanje gufungwa iminsi 30 yʼubugwatiramubiri buri muntu ;

RUTEGETSE ko uzashaka indishyi azaziregera ;

RUKIJIJWE rutyo kandi rusomewe mu ruhamwe rwa benshi abashinjwa badahari hari umushinja cyaha Habinshuti Floriberi mu Rukiko rwa mbere rwʼiremezo rwa Gisenyi, ruri ku Gisenyi, ruburanishiriza imanza zʼinshinjacyaha rugizwe na Ngarambe Léonard (Prezida) na Mukasine Marie Claire na Balibutsa Laurent (abacamanza) batashijwe na Gasanane Javan (umwanditsi)

ABACAMANZA

PREZIDA
NGARAMBE Léonard Sé

JUJI
MUKASINE M. Claire Sé

JUJI
BALIBUTSA Laurent Sé

UMWANDITSI
GASANANE Javan Sé

Nemeje ko nandukuye ibyanditse none ku wa 11/06/1990

Umwanditsi : MUKANTABANA Péruth

TARIF PUBLICITAIRE IN KANGURA.

– NOIR ET BLANC		– QUADRICHROMIE – (quatre couleurs)	
		moins de six mois	
– 1 PAGE	20.000 Frs	– 1 PAGE	40.000 Frs
– 1/2 PAGE	12.000 Frs	– 1/2 PAGE	30.000 Frs
– 1/4 PAGE	8.000 Frs	– 1/4 PAGE	25.000 Frs
		plus de six mois	
		– 1 PAGE	30.000 Frs
		– 1/2 PAGE	20.000 Frs
		– 1/4 PAGE	15.000 Frs

* 5.000 Frs pour chaque couleur supplémentaire

Seuls les professionnels en commerce connaissent le secret de la publicité
Tentez votre chance et vous verrez

IBYO TUBAHISHIYE MURI N° 3 YA KANGURA

TUZABAGEZAHO UKUNTU BA AMBASSADERI B'U RWANDA (3) BATATU BAHAMAGAWE IGITARAGANYA.
DOSIYE ZABO TWARAZIBONYE.

TUZANAKOMEZA GUKORESHA ARIYA MATORA MURI BURI PEREFEGITURA Y'IGIHUGU.

TUZABAGEZAHO KANDI IMVUGO YA MANZI DJAMARI AVAMO KAJEGUHAKWA VALENS.

ONGERA UZIGAME AMAFARANGA 50 GUSA IYO NUMERO ITAZAGUCIKA !

KA02 1042

Umwe mu bahagarariye Demokarasi na n'ubu tukigenderaho !